# Natsinda Nte?

Jeffersonville, Indiana, USA

25 Kanama 1963

1 Twubike imitwe ngo dusenge. Data wa twese, tugushimiye muri iki gitondo iki gihe cyiza twongeye guterana, ngo tubumbure Ijambo ry'Umwami no kurishyira hano imbere yacu. Kandi - kandi isengesho ryacu ubu, ni uko Mwuka Wera afata icyo Imana iri cyo cyose maze Akakiduha, kugira ngo tubashe kuva aha hantu ho kuramiriza none, dufite imitima yishimye kandi yuje umunezero, kandi tubashe kubona imbaraga Zawe zibohora zikomeye, Mwami, uburyo zibohora imbohe kandi zikaziha umudendezo, zitumenyesha ibyahozeho, ibiriho n'ibizaba. Kandi turabigushimira.

Turagushimira kuduha umugisha mu gihe turi bube twigira hamwe Ijambo Ryawe ubungubu. Kandi ubwo turi bube dutaha, tubashe kuvugira mu mitima tuti: "Imitima yacu ntiyagurumaniraga imbere muri twe ubwo We, Mwuka Wera, yatuvugishaga tukiri mu nzira?"

2 Ha umugisha none buri mugaragu Wawe, abagaragu Bawe bashyigikiye uku Kuri Kwawe. Subiza amasengesho yabo. Kiza imibiri irwaye y'abababara. Mwami, tugusabye kujya mu bantu ngo Ushake iriya mbuto yatoranijwe iri hariya, Mwami, maze Uyizane hano mu buryo bumwe cyangwa ubundi, kugira ngo Umucyo urasire inzira yayo, Mwami, kuko twizera ko ari nta gihe gisigaye; izuba ryihutira kurengera i burengerazuba. Aho bukera, nta gihe kizaba kikiriho. Kandi igihe n'iteka bizahwaniramo ubwo Imana n'ubwoko Bwayo bizahinduka ikintu kimwe. Kandi tugusabye, Mana, ngo icyo gihe, tuzabarirwe mu bazaba bungiye ubumwe muri Kristo, abagize Umugeni We.

Dufashe none mu gihe twitegura, tutazi icyo ejo hatuzigamiye. Igihe cyose, twiteguye kubyakira. Dusabye uwo mugisha ku bw'ikuzo ry'Imana, mu Izina rya Yesu Kristo. Amina. Mushobora kwicara…?…

3 Nta gushidikanya ko nari nezerewe muri iki gitondo ubwo ninjiraga maze nkabona abantu bateranijwe n'umurimo w'Umwami. Kandi rero dutanze itangazo rikurikira rya nimugoroba. Hari bube gahunda yo gusengera abarwayi nimugoroba.

Mu kanya gashize ubwo ninjiraga, umwana wanjye, Billy, yambwiye ati: "Hano hari umuntu wiyubashye, umuntu ubabaje, wagenze urugendo rurerure n'imidoka", maze yongeraho ati: "Namushyize mu cyumba kinini, Dawe."

4 Naraye ntashye ntinze, kandi sinashoboye kwiga bihagije ku mutwe w'icyigisho cy'ishuri ryo kucyumweru nari ngiye kuvugaho muri iki gitondo; kandi nanafashe inyandiko zimwe nari nakuye mu byo nari numvanye mwenedata runaka, kandi ibyo, nabikuyemo umutwe w'ikibwiriza cyanjye cy'ishuri ryo kucyumweru nari ngiye kuvugaho muri iki gitondo, mu gihe dutegura kandi twitegurira amateraniro ya nimugoroba.

Kandi Billy yavuze ati: "Hari umurwayi hano imbere, nkaba nifuzaga ko uza kumureba." Rero ninjiye mu cyumba ntatinze, kandi mwenedata twenda kungana n'umugore we bari bicaye aho, maze Mwuka Wera ahita atumanukira hagati, muri icyo cyumba.

Mubitekerezeho byonyine, nabaye nkivuga ku gikorwa cyo gukiza abarwayi Aba yahageze. Murabona? Kandi Yahishuriye uwo mwenedata ibyo yari yarakoze byose, ibyo yari ariho akora, n'icyari cyarateye uburwayi bwe, aho yaturutse, n'ibimureba byose. Igicucu kinini cy'umukara cyari gitwikiriye icyo cyumba; maze hatangira kugenda harushaho gucya, harushaho gucya, harushaho gucya harushaho gucya; hanyuma Mwuka Wera aba umugenga wa byose.

5 Mu by'ukuri, ntekereza ko uwo muntu ari mu… ahantu hamwe hariya inyuma ubungubu. We n'umugore we, wenda ntibashoboye kwinjira mu cyumba, ariko uko biri kose bavuze ko bari bagiye gusigara ku bw'amateraniro. Baturutse hafi ya Yakima, muri Ntara ya Washington, kandi baje n'imodoka. Kandi ni umugaragu ubwiriza Ubutumwa Bwiza. Ariko kugira ngo dusobanukirwe ubuntu bw'Imana, mu gihe uwo muntu yabaye mu bitaro kandi akaba yarahawe imiti y'uburyo bwose, Mwuka Wera yahishuye ibyo byose. Mu gihe abaganga bakoze iyo bwababaga, wenda, ku bw'uwo muntu, buri gihe byonyine byababaye ngombwa ko habaho uko gukorwaho n'Imana kugira ngo ibintu bihinduke. Imiti ikomeye, ni byiza cyane, ariko ni icyo twakwita "kurasa buhumyi". Murabizi. Ibyo byagusubiza inyuma, urabona, kuko wibagirwa ibyo wari uzi byose, kandi… iyo baguteye uwo muti. Ariko Umwami Imana… Uburyo ubuntu Bwe n'impuhwe Ze… na mbere y'uko ngira ijambo na rimwe mvuga ryo kumusengera, yari yamaze gukira. Murabona? Byonyine byababaye ngombwa ko hagira ikibaho kivuye ku Mana, uko gukorwaho kwihariye ngo tugereyo.

6 Sinakagombye kuvuga ibi ariko… Yego, nagombaga kubyirengagiza, kureba uwo muntu none aha. Iki? Sinari nzi niba yari yabikoze none cyangwa atari yabikoze.

Hariya mu cyaro aho nigumiye iki cyumweru… Nkunda benedata bariyo. Ni ibiruhuko bito mbere y'ariya materaniro akomeye. Murabona? Natashye iwacu kugira ngo njyeyo no gusohokera mu ruhigi rw'inkima hamwe n'abo benedata. Kandi uwo muryango, iyo miryango, na ko, tugumana hariya, nta gushidikanya ko ari abantu b'igikundiro. Kandi uwo muntu ni mwenedata nyawe, incuti, ni cyo bari cyo.

Kandi umwe muri bo, akunda imbwa z'impigi cyane. Kandi afite urugo ruzuzuye hariya. Kandi nabonye imbwa ngufi y'impigi ihebuje izindi ubwiza hariya, ikiremwa kigufi cyari icyo nakwita inusu y'imbwa mu kijyejuru n'imbwa ebyiri mu burebure, urabizi, zirukaga zizenguruka inzu hariya, maze nibwira nti: "Mbega byiza! Joe yakabaye yarifuje kugira ikintu nk'icyo, si byo?"

7 Kandi… Mu bisanzwe, hariya muri Arizona, sinashoboraga kuyikoresha. Yakabaye yarinjiye mu mifatangwe, maze bikaba biyirangiriyeho. Rero, mvuga nti: "Ntiwashobora kubona… Nta mbwa bakoresha hariya muri kariya gace k'igihugu kuko bajyaga… Mu by'ukuri, ntitwashoboraga byonyine kuzikoresha, zajyaga… Ikirere, ibihe muri kariya gace n'imifatangwe, byajyaga kuzica. Rero, imbwa yiruka yaba hariya, ikirura cyangwa indi nyamaswa yayica wenda uko biri kose, ibaye isohotse hariya."

Uwo muntu rero yambwiye ati: "Ushobora byonyine kuyifata." Ariko sinashoboraga kuyifata. Narayishimye. Naje kumenya ko yari imwe mu mbwa ze z'inkoramutima.

8 Kandi uwo mugabo afite umugore mugufi w'igikundiro n'abana bato. Kandi kiriya gihe, umugore yatangiye kugenza ikigongo n'imodoka y'umugabo we (yari muri Oldsmobile, kandi iyo mbwa nto ireshya itya, akabwana byonyine.), maze arayisya byonyine. Iyo modoka Oldsmobile ikandagira umugongo wa ya mbwa, hano, maze ayisyonyorera umugongo ku mabuye ari mu kayira, maze inda ihwana n'amabuye, murabizi. Kandi uwo mugore mugufi, aho kwirukankana iyo mbwa kwa muganga w'amatungo… Birumvikana, muganga w'amatungo nta kindi yajyaga kuyikorera usibye kuyisinziriza no kuyica. Murabona? Aho hari undi musore twari kumwe, kandi kuva aho ahagereye, yavuze ati: "Iyo ijya kuba imbwa yanjye, najyaga kuyirasa," avuga ati: "Nta kindi; aho kureka ngo ikomeze kubabara ityo."

Mvuga nti: "Mu by'ukuri, ntituyirase." Mvuga nti: "Dutegereze gato." Naheje bose; nagiye kuyisengera, maze iyo mbwa ngufi imperekeza ku rubaraza, kandi… Murabona? "Icyo mwifuza cyose musenga, mwizere ko mwamaze kugihabwa, kandi muzakibona; muzagihabwa." Icyo ari cyo cyose… Ibyo, ni Imana yacu, si byo? Ni igitangaza; kandi muri iki gitondo, nta gushidikanya ko tuyikunda, kandi turayitegereje, tuzi…

9 Kiriya gihe nabonye urugo rwa kera rwa... Ababyeyi bombi b'intwari bamwe mu bagize iri teraniro ry'abizera. Kandi umubyeyi ni… Yoo, ntekereza ko afite imyaka ikabakaba ijana, n'umugabo we bikaba uko. Kandi mu myaka nka cumi n'ibiri, uriya mugabo ntiyigeze anyeganyeza umugongo; yaryamaga indambya agaramye. Ntashobora kuryamira urubavu, nta n'ikindi; yari aryamye aho mu myaka cumi n'ibiri, kubera ubusaza. Kandi ntekereza ko umubyeyi afite imyaka ikabakaba iye ubu, nk'ijana, kandi ikiremwa kibabaje gishaje gisa n'icyataye umutwe. Kandi rero, nanaze akajisho ku rundi ruhande rw'ameza, kuri twese, abato n'abasaza abari twicaye aho, maze mvuga nti: "Turagana he? Turakora iki?" Maze umugore twari dusigaranye icyo gihe, bari nyina na se. Hanyuma mvuga nti: "Na mwe, mwerekeje muri kiriya cyerekezo." Ni ko ko, buri wese muri twe, murabona?

10 Nimubitekerezeho akanya gato mbere y'uko dutangira icyigisho cyacu ni ho twerekeje. Ni iki kibatera kurwana? Ni ukugira ngo mubeho. Mubereyeho iki? Ni ukugira ngo muzapfe. Ntibyaba ari ubupfu bya cyane turamutse twanze impano y'Imana y'Ubugingo Bw'Iteka? Ni iki twashobora gutekerezaho? Ni iki cyashobora kuba mu bitekerezo byacu cyaduhugurira icyo ari cyo cyose? Byamera bite iyo ujya kuba ufite miliyoni ijana z'amadolari, ukagira intara yose ya Indiana, cyangwa indi ntara yose, cyangwa igihugu cyose, cyangwa ku birebana n'iki, isi yose? Warama, ugomba kugera aho, nawe. Murabona? Kandi mu buryo buhoraho, uko bukeye uko bwije, uko umutima wawe uteye, uromboreza ugana hariya. Urabona? U-… Nta mahirwe yo gutsinda ufite na busa. Uri mu ruhande rw'abatsinzwe. Kandi ugomba gutsindwa. Ariko wibuke isezerano rivuga riti: "Ubura ubugingo bwe ku Bwanjye, ni we uzabusubirana." Noneho, ni iki cyaba ubutunzi bw'ikirenga nko kubona Ubugingo? N'ubwo wakwigarurira isi yose maze ikaba umutungo wawe, ariko uramutse ubonye Ubugingo, waba ubonye Ikintu cy'ikirenga umuntu yabasha kubona.

11 Nifuzaga kwita ku cyigisho cyanjye. Rero, twongere turebe noneho indi ngororano y'ubuntu bw'Umwami. Hashize ibyumweru bike, nari nahamagawe kuri telefone, maze umunyagikundiro umwe mu bagize urwo rusengero cyangwa uwo muryango… Ni nk'igihe navuganaga n'abantu bamwe, bambajije bati: "Mu by'ukuri, waba ugira idini ubarizwamo?"

Musubiza nti: "Nta ryo."

Bavuga bati: "Mu by'ukuri, ubarizwa mu rihe tsinda?"

Mvuga nti: "Ubwami bumwe, Ubwami bumwe."

Kandi mu Mwuka umwe, twabatirijwe kwinjira muri ubwo Bwami, mu Mwuka umwe, twese ngo twinjire muri ubwo Bwami. Yesu yavuze ati: "Musenge muti: 'Ubwami Bwawe buze, ubushake Bwawe bukorwe mu isi nk'uko bukorwa mu Ijuru.'" Mu by'ukuri, Yahagaze hariya umunsi umwe mbere y'umusozi wo guhindurirwaho; Avuga ati: "Ni ukuri, Mbabwiye ko bamwe muri aba bari hano batazapfa batarabona Ubwami bw'Imana buje mu mbaraga." Kandi nk'uko twabyize, umusozi wo guhindurirwaho, yari ishusho. Kandi Bibiliya ivuga iti: "Ubwami bw'Imana buri muri wowe." Rero, aba ni ubwoko bw'Ubwami, buhamya ko

ino, atari iwabo. Iyi si, si iwacu. Dutegereje Ukuza k'Umwami kugira ngo ashyireho ubwo Bwami.

12 Nari mpamagariwe ikibazo cyihutirwa cya… cya mwenedata w'umusaza wari umbereye nka data, kandi ya-… Nta gihe gishize mumenye, ariko ndibuka igihe namuzaniraga hano kubatirizwa mu mazi. Kandi uwo muntu afite… Agiye kugira imyaka mirongo urwenda n'umwe. Kandi umugore we w'igikundiro yampamagaje telefone, kandi we, nk'umuforomokazi, yavuze ko umugabo we yari yishwe n'umutima; uretse ibyo, yari arwaye (sinzi uko bita ubwo burwayi bw'umutima [Hari uvuze ati: "infarctus" - U.I.] ni uburwayi bubuza umutima gutera bihagije, urakoze) ni uburwayi butera umutima guhagarara. Muganga nta mahirwe yamuhaye, habe na busa. Kandi uwo mugabo yarasambaga, yarampamagazaga.

13 Maze ninjira mu modoka yanjye Ford ishaje kandi nto maze mfata umuhanda werekeza Ohio amasigamana. Kandi sinari nzi ko umwe mu mitende yanjye utari ufunze neza; hanyuma uwo mutende uvamo. Rero, nagezeyo, nasohotse muri sitasiyo ya lisansi ahagana saa tanu mu kadomo, yari ampangayikishije. Ndamukunda, kandi nzi ko niba igihe gikomeje, niba Umwami atinze, mu by'ukuri, bitinde bitebuke, tugomba kuzatandukana hagati yacu.

Ariko ibyo ntibizabuza rero Izamurwa. Murabona? Ashwi. Ni bo bazabanza kuza. Abagiye ni bo bafite isumbwe. Ni bo bazabanza kuza, murabona? Twebwe abazaba bakiriho bategereje Ukuza k'Umwami, ntituzabanziriza cyangwa ngo tube inzitizi y'abasinziriye. Impanda y'Imana izavuga, maze abasinzirririye muri Kristo babanze kuzuka. Rero ubwo amaso yacu azabona abo dukunda, icyo gihe, tuzahindurwa mu kanya gato, nk'ako guhumbya, kandi hamwe na bo, tuzazamuririrwa hamwe. Murabona? Ababimburira abandi kugenda ni bo bafite isumbwe ubagereranije n'abakiriho.

14 Kandi aho mviriye muri sitasiyo, neza neza saa tanu mu kadomo, Mwuka Wera yambwiye ati: "Wimuhangayikira. Uzongera kumukora mu ntoke mu muhanda, kandi azaza ku rusengero," umuntu w'imyaka mirongo urwenda n'umwe wasambaga. Ubwo nahuraga n'umugore we n'abo akunda ku bitaro by'i Lima, bambwiye uko amerewe, ndinjira, ndebamo imbere. Kandi yavuze ati: "Ah'ubwo ari… Hari ikintu gitangaje." Bavuze bati: "Yatangiye koroherwa saa tanu." Mu by'ukuri, ibyo… Umwami yeretse abo bantu byinshi; kandi bazi ko atari njye wavuze ibyo; mu by'ukuri, babaye abambere kubimbwira. Yatangiye koroherwa; bari bazi ko nari ngiye… ko nzababwira ukuri.

Rero, kucyumweru ushize, ubwo ninjiraga mu ifunguriro Blue Boar i Louisville, aho ntekereza, abakabakabaka mirongo urwenda ku ijana by'iri teraniro bateranira kucyumweru ku gicamunsi bafungura, ni nde nabonye amanuka agahanda? Ndabahamiriza; umutima wanjye wahinze umushyitsi ubwo nabonaga mwenedata Dauch amanuka agahanda, neza neza ibyo Yari yarambwiye. Maze mukora mu ntoke mu - mu gahanda.

15 Hanyuma, nagaruwe hano n'ikibwiriza cy'umugoroba w'icyumweru ushize, maze mbwiriza kuri uyu mutwe w'ikibwiriza: Ikimenyetso n'igihe cy'ubumwe. Rero… Rero ibyo bituma ibyo Yari yaravuze bisohora uko byakabaye, none dore mwenedata ngo aricara hano mu rusengero none, hano iruhande rwacu, nk'ingororano y'ubuntu bw'Imana. Ubwo namukoraga mu ntoke munsi y'ihema, munsi y'ihema ry'umwuka mwiza wa ogizijene yarimo, mvuga nti: "Mwenedata Dauch, uzamererwa neza. Nzongera kukubona mu rusengero. Ibyo - Ni NI KO UWITEKA AVUZE!" Murabona? Nguyu yicaye mu rusengero none aha… mwenedata Dauch.

16 Kandi niba ntibeshye, umubwirizabutumwa navugaga mu kanya gashize… Mwuka Wera yinjiye hariya maze ahishura ibyo bintu byose; Yamubwiye uburyo ibyo byari byabaye n'ibyo yari yakoze, uburyo ibyo byabaye, n'uburyo ibyo byari byasohoye; ibyabaye uhereye kiriya gihe byose, n'imico y'umuryango we na byose kuri uwo mutwe; Yamubwiye ko byarangiye, kandi uwo mubwirizabutumwa yicaye hano iburyo. Waba ushaka kuzamura ikiganza, wa mugabo we? Buriya, we n'umugore we. Neza neza. Muri ako kanya. None dore ngo mwenedata Dauch aricara hano none aha.

Mbega byiza! Ntibitangaje? Ibyo bintu byahozeho, biriho kandi bizaba. Umwe, babiri, batatu b'abahamya b'ibyahozeho, ibyo mwakoze; ibiriho none aha, n'ibintu bizaba. Kandi buri gihe, bihuye neza n'Ijambo. Nta wundi wabishobora uretse Imana. Yoo, ntitunejejwe cyane n'ibi bintu?

17 Mu by'ukuri, impamvu nafashe igihe cy'inyongera, ni uko Billy yagombaga kujya gufata umugore we n'umwana we muto, maze avuga ati: "Dawe, ntutangire ikibwiriza ntari nagaruka." Rero, ndatekereza ko ubu amaze kugaruka. Sinakagombye uko biri kose gukabya kubatwarira igihe ntya. Kandi ndagerageza kwirinda ya masaha ane y'umunaniro nabahatiye hano, ngo nyahinduremo iminota mirongo itatu n'itanu cyangwa mirongo ine, murabona, kandi ndagerageza gukomeza ibyo…

Mu by'ukuri, igihe kimwe, i Chicago, nabiherewe impuguro; narabigabanije mbigeza ku minota mirongo itatu n'itanu cyangwa ikindi nk'icyo, iminota mirongo itatu n'itanu, kandi umugoroba w'icyumweru ushize, ibyo byatwaye iminota itarenze mirongo ine n'itanu. Billy yavuze ati: "Urivugurura by'ukuri, dawe. Unteye ishema ku bw'ibyo."

Mu by'ukuri, wasanga muri iki gitondo dufite uburyo runaka bw'ishuri ry'icyumweru… Sindi bukabye

kubatindana; rero mushobora gusohoka mukajya gufata ifunguro ryanyu rya saa sita, mugasenga maze mukagaruka muri uyu mugoroba ku bwo gusengera abarwayi. Muri uyu mugoroba, tugiye gukora umurongo w'abasengerwa maze dusengere abarwayi.

18 Mu by'ukuri, niba muzi abarwayi hafi aha hose kandi bashaka ko tubasengera, nimubazane hano muri uyu mugoroba. Murabona? Mu by'ukuri, ni bibabera ngombwa ko mubazana mu buryo ubwo ari bwo bwose, mubazane hano. Murabona? Icyo ni cyo cy'ingenzi, kubazana hano, muri uyu mugoroba. Twese duteranira hamwe. Muri ubwo buryo, biraruhije kubasura uva hamwe ujya ahandi; rero niba hari uwo wibagiwe, bitera inzika. Ariko niba nshobora kubona bose ahantu hamwe, rero nshobora kubasengera. Mu by'ukuri, niba abantu bashaka ko tubasengera, Uvuga uti: "Baba bari bubishake?" Yoo, nta shiti. Turi bubasengere. Nimubazane; niba ari ubushake bw'Uwiteka, turi bube hano dusengera bose, kuko numva ko iryo kurura rya gatatu ritangiye gukora. Murabona? Ibyo biri muri njye, kandi nifuzaga gusengera bose.

19 Ni byiza, muri iki gitondo tubumbure imirongo ya kera y'Ibyanditswe dukunze gukoresha nkaba narayifashe hutihuti ejo nimugoroba, mu gihe by'ukuri nari mfite ibitotsi kandi nandikaga imirongo mike y'Ibyanditswe y'inyongera yagendana n'Ibyo. Kandi mfata ibyo nk'icyuzuzo cy'uwo mutwe numvise mwenedata akoresha igihe kimwe, maze nibwira… Nabyanditse; nibwira nti: "Mu by'ukuri, ntekereza ko nkwiye kubyandika, kuko bizashobora kungirira umumaro." Ku ncuro nyinshi, turabikora. Nabonye ko abenshi muri mwe hano bafite urupapuro. Kandi hari umubwirizabutumwa washobora kugira icyo avuga, hari ingingo iri bugukoreho, hari ikiri bugukoreho imbere muri wowe. Kandi niba ari Mwuka Wera uriho akora ibyo, rero uhereye kuri iyo ngingo nyine, uri butangire gushyiraho ubutumwa bw'Umwami. Kandi ibyo biri muri gahunda; mbona mu materaniro aho njya hose, ababwirizabutumwa n'abantu bagira ibyo bandika. Rwose biri muri gahunda. Turi hano… Ni cyo kitubesheje hano, ngo tugerageze gushyigikirana muri iyi mihanda.

20 Kandi noneho, tubumbure mu Byahishuwe igice cya 3 mu bihe by'Itorero, ngo dusubire mu gihe cy'Itorero. Ariko noneho, turi… Nashoboraga gufata uwo mutwe w'ikibwiriza wonyine, kandi mfashijwe na Mwuka Wera, nkakibwirizaho mu gihe cy'imyaka ijana nta na rimwe mbashije gusohora ikirimo imbere, kuko muri uwo mutwe wonyine, kimwe no mu bindi bisomwa byo muri Bibiliya, ibintu byose byunze ubumwe. Kandi umutwe wanjye nifuzaga kubwirizaho muri iki gitondo ni: Nanesha nte?

Mu by'ukuri, nahisemo uyu kuko ntekereza ko ari igihe twakagombye kutemerera ububyutse bwa Mwuka Wera kuzima. Twakagombye gukomeza ububyutse, tugahora dusendereye Umwuka. Pawulo yavuze ko yagombaga gupfa buri munsi kugira ngo Kristo abone uko abaho. Kandi twakagombye kutemerera ubwo bubyutse kuzima muri twe.

Kuri ubu, Ibyahishuwe igice cya 3 duhereye ku murongo wa 21, dusoma ibi:

> *unesha nzamuha kwicarana nanjye ku ntebe yanjye y'ubwami, nk'uko nanjye nanesheje maze nkicarana na Data ku ntebe ye.*

21 *Ufite ugutwi niyumve ibyo Umwuka abwira amatorero.*

Mwaba mwabonye uko ibyo bitondetse? Murabona? "Kwicarana na Njye mu ntebe Yanjye y'Ubwami," si "ku ntebe Yanjye," "mu ntebe Yanjye y'Ubwami." Ni ubwatsi Bwe. Murabona? Kandi noneho, nk'uko Kristo ari Umutegeka, Umutegeka ku ntebe y'Ubwami muri iki gihe, Umutegeka w'ubwatsi bw'Imana bwose, Itorero na ryo rizabana na We, Umugeni azabana na We mu Ntebe Ye y'Ubwami, mu bwatsi bwose. Murabona? Si "ku Ntebe Yanjye y'Ubwami", ah'ubwo "mu Ntebe y'Ubwami"; mwaba mubona aho ubwo bwatsi bugarukira? Intebe y'Ubwami iri hejuru y'ubwatsi. Ubwatsi bugarukira aho imbibe z'igihugu zigarukira kandi ni iz'iteka. Nimubitekerezeho byonyine.

22 Ni byiza, mu gihe turi bube twiga ibi, intego nkurikiye muri ibi, sinzanwa gusa no kugira ngo nsabane n'abantu; ibyo rwose nkunda kubikora. Ariko iyo mbonye amahirwe yo kubikora, nzaza iwawe, ngukore mu ntoke, tuganire, twicare, dusangire nawe ifunguro maze nicare hanze mu gicucu cy'igiti, tuganire kandi dusabane agahe. Ariko iyo tuje hano, tuba twazanywe n'intego runaka. Iyi ni inzu y'ikosorero. Iyi ni intebe y'Ubwami. Iyi ni intebe y'Ubwami y'Imana, kandi urubanza ruhera mu nzu y'Imana. Kandi ni aha tuza guteranira, guteranira mu rukundo dukundana hagati yacu, abakristo ni bo bonyine bashobora gukundana; ariko hano tuyoborwa na Mwuka Wera. Mwuka Wera ari rwagati muri twe. Kandi tubeshejwe hano no kwisuzuma ngo tubone ahari ibidatunganye, n'uburyo twashobora kubikosora maze tukagaruza ibyo twatakaje duhereye aho turi. Kandi ni cyo twiga. Ababwirizabutumwa bigira ibyo bintu abizera babo. Iyo babona abantu, ibidatunganye byabo, batangira rero bahereye aho.

23 Mu by'ukuri, aho bukera, ntekereza ko itorero wenda ryakagombye kurushaho kuzamuka muri iki gihe. Kandi nta bwo nateganije gukora ibi muri iki gitondo, kwerekana ibi bintu, ariko ntekereza ko mu magambo make, niba ari ubushake bw'Umwami, mbere y'uko tubwiriza ku Mpanda, nifuzaga kugira icyo nzanira itorero - icyo mwakagombye kumenya, ni ko ntekereza, muri iki gihe.

24 Kandi kuri ubu, tugiye kuvuga kuri iyi ntsinzi. Ijambo "kunesha" mu bisanzwe, muzi icyo bisobanura.

Ugomba kugira icyo wanesha. Kandi icyo gihe cy'Itorero Mwuka Wera avuga hano, igihe cya Lawodikiya, nk'uko tumaze kubyiga, cyari gikeneye gucyahwa. Lawodikiya yagombaga gucyahwa, kubera kutita kuri Kristo kwayo. Lawodikiya yashyize Kristo hanze mu gihe cyayo, kandi Kristo yari hanze agerageza kugarukamo imbere. Ni urukundo.

Nyuma y'aho Asohorewe mu Nzu Ye bwite. Yageragezaga kuyigarukamo, avuga ati: "Uzakingura urugi, Nzinjira iwe." Murabona, Itorero ubwaryo muri rusange ryasohoye Kristo. None ubu, mwitegereze; hano ihamagara Rye nta bwo byonyine rireba itorero, Avuga ati: "Uzanesha." Murabona? Si itorero nk'itsinda; Avuga uzanesha, gatozi, umuntu ku giti cye uzanesha. Mu by'ukuri, Lawodikiya yabonye iri hamagara.

25 Mu by'ukuri, turabona rero, tuzi ko iki ari igisekuru cya Lawodikiya, kandi tuzi ko iki gisekuru gikeneye gucyahwa bikomeye n'Imana… Kandi iyo abatambyi bacu batetesha abantu, uboshye sogokuru utetesha abuzukuru be, ibyo bakora byose, biratunganye kandi bari…

Bavuze byinshi ngo Imana ni Imana ikabije ubugwaneza ku buryo byonyine bagerageza kuyifata nka sogokuru utetesha abuzukuru. Murabona? Si ko Iri. Ni Data, ni Data ukiranuka kandi ukosora. Kandi urukundo ruhora rukosora. Murabona? Urukundo rurakosora uko byaba bikomeretsa kose, rurakosora uko biri kose. Kandi umubyeyi nyakuri azakosora abana be, yaba nyina cyangwa se. Murabona, niba utetesha byonyine kandi ukareka ibintu…

26 Kiriya gihe, naciye hejuru y'umugogo w'igiti ushaje mu kibaya. Maze nsimbukira kuri uwo mugogo w'igiti. Inyuma, cyagaragaraga nk'igikomeye, cyabonekaga nk'umugogo w'igiti munini kandi ushaje, ariko ubwo nagisimbukiragaho, yoo, ikimanyu kinini cyahise kivaho, mu by'ukuri, cyari cyaraboze. Mvuga nti: "Ni urwo abakristo bapfuye." Bapfiriye mu cyaha igihe kirekire ku buryo babaye goyigoyi. Ntibagishobora kwikorera umutwaro. Nta bwo bazi icyo kunesha bisobanuye. Hanyuma, rero natangiye gutekereza kuri uwo mutwe w'ikibwiriza: Kunesha, gukomeza ubuzima ubwabwo. Uwo mugogo w'igiti wabaye utyo kuko ubuzima bwakivuyemo. Murabona? Kandi byakigejeje habi birenze igihe ubuzima n'amazi byari bikikirimo.

27 Rero, fata umukristo ufatwa nk'umukristo, Ubugingo bw'Imana, umwitozo wo kunezezwa no gukorera Kristo n'umunezero wo kuba mu itorero, aho ibintu nk'ibyo bibera, bikamuvamo; yihutira kubora incuro ebyiri, murabona, ni ukuri, by'ukuri mu kuba munsi y'ibyo.

Rero, niba tugerageje gukurikira Ubutumwa bw'igihe cyangwa nibura iki gice cy'Ubutumwa, twakagombye kubaho bihoraho mu Bugingo bwa Kristo. Murabona? Kuko niba atari ko biri, uguma aho, uzi ibyo wakagombye kuba ukora, ariko nta byo ukora. Bibiliya ivuga iti: "Uzi gukora icyiza ntagikore, bimubere icyaha." Kandi ahinduka goyigoyi, urabora iyo witandukanije n'Ubugingo bw'Imana. Rero rwanisha ibikurimo byose kugira ngo uture mu Bugingo bwa Kristo, kugira ngo were imbuto.

28 Turabona iki gisekuru turimo. Ni kimwe mu bisekuru bihebuje ibindi ubwiza mu bisekuru byose. Iki gisekuru cya Lawodikiya ni cyo gisekuru cy'Itorero gihebuje ibindi byose ubwiza; mu by'ukuri, ni iherezo ry'ibihe maze bigahwana n'iteka. Rero, ku birebana n'icyaha, ni cyo gisekuru cy'ikirenga. Muri icyo gisekuru, hari ibyaha birenze ibyigeze kubaho mu mateka y'isi. Kandi imbaraga za Satani ziruhanije kurwanya incuro nyinshi birenze uko byigeze kubaho mu bisekuru byakibanjirije. Murabona?

Mwumve, buriya mu bisekuru bya mbere umukristo yashoboraga, mu kwatura ko yari… mu kwatura ko yari uwa Kristo, yashobora kwicisha umutwe kubera icyo. Yashoboraga kwicwa, akabohorwa umuruho we maze agahita ahura n'Imana. None ubu, umwanzi yinjiye mu izina ry'idini; kandi birashukana cyane. Iki ni igisekuru gikomeye mu gushukana iyo… Kristo ni We wabivuze; iyo myuka yombi yajyaga kuba isa cyane ku buryo yajyaga kuyobya n'intore iyo bijya kuba ibishoboka. Murabona, murabona? Murabona? Kandi mwibuke, Kristo yavuze ubwoko bwatoranijwe mu gihe cya nyuma. Murabona? Byajyaga kuyobya n'intore iyo bijya kuba ibishoboka, birasa cyane.

Abantu baba rero… Abantu bashobora kubaho ubuzima bwejejwe kandi butunganye, atari abanyabyaha, abasambanyi, abasinzi, abanyabinyoma, abanyarusimbi; bashobora kuba hejuru y'ibyo kandi badafite Icy'ingenzi.

29 Iki, ni igisekuru cy'Ubugingo, Ubugingo bwa Kristo ubwabwo, aho ibinyabutabire bigize Umubiri We, ibyari muri We; icya mbere munsi yo gutsindishirizwa, umubatizo w'amazi, icya kabiri munsi yo kuvuka ubwa kabiri kwa Wesley, ukwezwa kuratunganya, n'icya gatatu munsi y'umubatizo wa Mwuka Wera, ushyira uru rwabya rwejejwe mu murimo… Murabona? Ijambo "kweza" risobanura ikintu gitunganijwe kandi kikarobanurirwa umurimo. Mu by'ukuri, Mwuka Wera ashyira icyo mu murimo. Murabona?

30 Kandi turi bubone ko iyo umwuka mubi uvuye mu muntu, uwo mwuka ujya ahantu h'ubutayu neza neza ni cyo cyabaye ku idini, ababatisite n'abametodisite, abizeye ukwezwa. Yesu rero yavuze ko umwuka mubi wasohotse, ugaruka muri uwo mubiri w'itorero maze ugasanga inzu itatse, ikoropye neza, ibayeho ubuzima bwera, wera imbuto z'abera, mu buryo butunganye. Ariko rero, niba iyo nzu ari nta kiyirimo, ni bwo wa mwuka ugarukana n'indi irindwi iwurusha ubukana, hanyuma ibyanyuma by'iyo nzu

bikaba bibi incuro ndwi kurusha ibya mbere. Abantu bajyaga kuba bagize neza iyo bigumira ari abaluteriyani aho kwakira uwo Mucyo bakabura kuwukurikira. Ni uko bizagendekera abapantekote. Muzi icyo nshaka kuvuga. Inzu iratatse.

31 Nk'uko navuganaga n'umuntu umwe kiriya gihe, navuze nti: Baritwararika cyane, ndetse n'amatsinda menshi yo kwera, ku bwo kutatura Mwuka Wera [Mu cyongereza “Holy Ghost”: “Umuzimu wera”] kuko biyita abapantekote iyo bavuga batyo. Bo bavuga: “Mwuka Wera” [Mu cyongereza, “Holy Spirit”: “Mwuka Wera”-Umuhinduzi.] Murabona, birinda kwatura Mwuka Wera [Mu cyongereza, “Holy Spirit”: “Umuzimu Wera”-Umuhinduzi.] kuko abapantekote, abantu basanzwe, bakoresha ijambo rya Bibiliya ryo kuvuga ibyo: “Mwuka Wera” [Mu cyongereza “Holy Ghost”Umuhinduzi.]; mu by'ukuri, “Holy Spirit” na “Holy Ghost”, ni kimwe, ariko baritwararika cyane i-… ntibashaka kwitiranwa n'abo bantu bavuga mu ndimi, kandi ni Mwuka Wera Ubwe. Murabona? Ni iki rero cyabaye? Ubwo umwanzi wasohotse munsi yo kwezwa… wari yagiye igihe cyo kozwa, yarahindukiye maze asanga ya nzu itari yuzuye Umwuka Wera, mu by'ukuri, itorero ryari mu miterere aho ryisunze impuzamadini, Inama mpuzamadini y'isi yose; none ubu ni imiterere irihuza n'ubugatolika bwa kiroma no ku bindi byose; none ubu birushijeho kuba bibi incuro ndwi uko byari bimeze ubwo ryasohokaga mu buluteriyani. Ni ho umuntu aganisha ibintu.

32 Rero mwitegereze iki gisekuru cya Lawodikiya nyuma y'aho aboneye Mwuka Wera. Kandi hamwe no kumenya… kandi ufite Mwuka w'Imana muri wowe, hanyuma icyo gisekuru cyahakanye imirimo y'Imana, maze kibafata nk'umurimo utejejwe, byaba ari ibiki rero? Ni ho Kristo yajugunywe hanze y'idini. Murabona, Ya-… Nta ho bamwerekanye, Ari imbere mu idini mbere y'uko bigera kuri Lawodikiya. Kandi ubwo Yageraga muri Lawodikiya, Yajugunywe hanze y'itorero Rye, Agerageza kurigarukamo.

Mu by'ukuri, murabona, ugutsindishirizwa ntikwigeze kumwinjiza. Ukwezwa nta kindi kwakoze uretse kumutunganiriza umwanya. Ariko ubwo umubatizo wa Mwuka Wera wazaga, ni wo wamwinjije mu bantu. None ubu, baramwirukanye ubwo Yatangiraga kwigaragaza nk'Udateze guhinduka. Bamwirukaniye ko bashyizeho inzego nk'idini. Mwaba musobanukiwe noneho? Ibyo… Baramwirukanye: “Nta ho duhuriye n'ibyo byiyumvayumvo (telepathie); ni - ni - ni ibya Satani. Ni ubupfumu cyangwa…” Murabona? Ntibasobanukirwa. Bafite amaso, ariko ntibabona, bagira amatwi, ariko ntibumva. Murabona, Imana ihumura amaso uko Ibishaka. Inangira uwo Inangiye, uwo Ishatse, kandi kandi Iha Ubugingo uwo Ishatse kubuha. Ni cyo Ibyanditswe bivuga.

33 Noneho, turabona ibi bihe turimo, iyi ntambwe, kandi turabona icyo byari cyo. Kandi Mwuka Wera acyaha igisekuru cyamutaye hanze. Ariko muri ibyo byose, mwaba mwarabonye? “Uzanesha.” No muri iki gisekuru kibi kandi cy'ikinyesi, [Avuga ati]: “Uzanesha.”

Turabona hano ko Imana yagize abaneshi. Yagize abaneshi muri buri gisekuru. Bazahoraho, buri gihe, muri buri gisekuru cyabayeho ku isi, nta gihe Imana yabuze uwo Irambikaho ibiganza Byayo nk'umuhamya ku isi. Nta gihe Yabuze umuhamya, n'ubwo rimwe na rimwe habagaho umwe rukumbi, ariko hari uwabaga yaranesheje.

34 Mu by'ukuri, ni nk'abera ba kera… Kandi - kandi umuntu mwiza cyane, intiti, yavugaga ku Bihe Birindwi by'Itorero, ati: Mwenedata Branham, wowe nk''umunyamashusho' cyangwa 'umunyangero', avuga ati: “Ni gute rero washyira mu ngero iri torero mu Izamurwa ari nta gihe cy'imibabaro?” Avuga ati… Murabona, niba ari ishusho, hagomba kubaho… Niba hari igifatika, hagomba no kubaho ishusho igiteguriza. Kandi icyo mvuga cyose cy'ukuri gifite ishusho. Ibyo bifite ishusho. Mufite igicucu. Kandi Bibiliya ivuga ko ibya kera byari igicucu cy'ibyajyaga kuba. Yavuze ati: “Ariko noneho, mufata Isezerano rya Kera nk'igicucu, none ubu iri Torero muzarigenza mute?”

35 Uwo muntu aturuka mu… umuntu ukomeye, umwigisha ukomeye w'incuti yanjye magara, umuntu mwiza cyane, kandi ni mwenedata w'igikundiro. Kandi sinakubahuka kugira ijambo na rimwe namuvugaho nabi; sinabikora uko biri kose nk'umukristo. Nta cyo namuvugaho kibi. Ntavuga rumwe na njye kuri uwo mutwe wonyine, ariko ni mwenedata w'agaciro; turasangira kandi ni umuntu w'igitangaza. Mfata ikinyamakuru cye, ngasoma zimwe mu nkuru ze; kandi yandika zimwe mu nkuru zanjye, n'ibindi kandi nagiye nifashisha ibyo nasomye mu nkuru ze; nkunda kumutega amatwi iyo abwiriza. Ni umuntu ukomeye, ariko ntiyemeranya nanjye byonyine. Ndabishima, ubunyakuri bwe: mbese, ntiyakwemera kuba wa wundi wemera ibyo uvuze byose. Afite imyumvire ye bwite, kandi ayikomeyeho. Ndabishima. Kandi ni umuntu mwiza… yoo, sindi umwigisha habe n'intiti habe na busa, ariko uriya muntu akomatanije byombi icyarimwe kuba umwigisha n'intiti. Ariko sinshobora kwemeranya na we; mu by'ukuri, uko si ko mbona ibintu, ariko… ibyo ntaho bihuriye n'agakiza: birarebana no Kuza k'Umwami.

36 Uko abona ibintu, Itorero rigomba kunyura mu mibabaro ngo ritunganywe. Njye mvuga ko Amaraso ya Yesu Kristo atunganya Itorero. Murabona? Si ngombwa… Nizera ko idini rizanyura mu mibabaro, uretse Umugeni. Wahitamo Umugeni wabanza gutunganya mbere yo gushaka? Umugeni wa Kristo yaratoranijwe kandi ni intore, kandi ni Umugeni w'Imana, Umugeni wa Yesu Kristo.

37 Mu by'ukuri, yavuze ati: “Ni gute uri bwerekane ibyo mu ngero? Niba uwo Mugeni azagenda, niba Azazamurwa mu Bwiza atanyuze mu mibabaro…” Avuga ati: “Mfite Icyanditswe kigaragaza ko Itorero

rizanyura mu mibabaro.” Mvuga nti: “Soma Ikimenyetso cya Gatandatu byonyine.” Nta kindi. Ari hariya mu mibabaro. Ariko murebe mbere yaho, Umugeni yamaze kugenda. Ari mu Bwiza icyo gihe, si ngombwa ko Atunganywa. Murabona? “Unyizera afite Ubugingo Buhoraho kandi nta teka ateze gucirwaho cyangwa ntazanyura mu rubanza, ah'ubwo yavuye mu rupfu agera mu Bugingo.” Kristo yatanze iryo sezerano ko tutajyaga kunyuzwa mu rubanza. Rero, Yagiye mu mwanya wanjye ku buntu kugeza ubwo mbonye umudendezo usesuye. Iyo mbabariwe, mba mbabariwe. Byashoboka bite ko Ankura mu nzu y'uwo nahezemo umwenda… Ni gute Yaba Umucunguzi wanjye maze Akankura mu nzu y'uwo nahezemo umwenda, hanyuma umutware w'imbata agakomeza kuvuga ko nkiri uwe? Mfite urwandiko rumbohora rwandikishijwe Amaraso ya Yesu Kristo. Murabona?

38 Mu by'ukuri, kuri ibyo, dore aho tugeze. Avuga ati: “Mu by'ukuri, ni gute ugiye gufata - gutandukanya uwo Mugeni watoranijwe uvuga, mu by'ukuri, ni gute ugiye gushyira ibyo mu ngero?” Musubiza nti: “Ni byiza cyane.” Mvuga nti: “Ngibi. Noneho, muri Matayo mu gice cya 27, umurongo wa 51…” Ni tu-… Hinga mbisome byonyine ni bwo turi bubisobanukirwe uko bikwiriye. Ni bwo turi bubone niba ari urugero cyangwa atari rwo, niba yari Umugeni watoranijwe. Matayo igice cya 27, mu murongo wa 51. Ni byiza cyane. Turasomba ibi, byari igihe cy'ibambwa ry'Umwami wacu: …Dore ngo umwenda ukingirije ahera uratabukamo kabiri, uhereye hejuru ukageza hasi…

39 Mu by'ukuri, iryo ryari itegeko. Itegeko ryarangiriye hariya, kuko umwenda warindiraga abantu kure y'ibikoresho byera by'Imana. Umutambyi mukuru wenyine ni we wabaga yemerewe kuhinjira, na bwo rimwe mu mwaka. Mwaba mubyibuka? Mu by'ukuri, Imana n'ikiganza Cyayo, mwitegereze, uhereye hejuru ukageza hasi, atari uguhera hasi ngo ugeze hejuru (nka metero 13 z'ikijyeru-Umuhinduzi), mwitegereze, si ukuva hasi ujya hejuru, ah'ubwo ni uguhera hejuru ukageza hasi (byerekanaga ko ari Imana yari yabikoze), Imana yatabuye uwo mwenda mo kabiri. Rero… Uwo ari we wese, ushaka ashobora kuza maze agafata umugabane ku kwera Kwe. Murabona? Ni byiza cyane.

Utangirira hejuru ugeza hasi, isi iratigita, ibitare birameneka, ibituro birakinguka, intumbi nyinshi z'abera bari barasinziriye zirazurwa, bava mu bituro, maze amaze kuzuka binjira mu murwa wera, babonekera benshi.

40 Nguwo wa Mugeni watoranijwe: ntiryari itorero ry'Abayuda ryari ryateraniye hariya ryose. Bose bari batambye igitambo kimwe. Bose bari munsi y'amaraso yamenwe y'umwana w'intama, ariko hari itsinda ryatoranijwe. Kandi iryo tsinda ryatoranijwe, uhereye igihe ibyo byabereye, abizeraga icyo kintu by'ukuri, kandi bakaba abanyakuri, bashikamye… Mu by'ukuri, ngeze ku ijambo “Kunesha”. Mu by'ukuri, mukoze ibyo. Abanesheje by'ukuri, bagatambana ubunyakuri igitambo kimwe n'icy'abandi, ariko mu bunyakuri, banesheje iby'isi, ubwo bahongererwaga mu buryo buboneye (bari bari muri paradizo kugeza kiriya gihe.), ubwo icyo gihe cyageraga, bari baranesheje kandi bari baruhutse, bari basinziriye (murabona?), imibiri myinshi y'abari basinzirriye mu butaka (Murabona?), abari basinziriye…

41 Mu by'ukuri, iyo tujya kuba dufite igihe, twashoboraga gusubira kwa Daniyeli. Ubwo Daniyeli, iyo ntore yari yaranesheje… kandi Imana yari yaramubwiye iti: “Fatanisha Igitabo ibimenyetso, Daniyeli we, kuko uzahagarara mu mugabane wawe. Ariko ubwo Igikomangoma kizaza, Umurengezi w'ubwoko, uzahagarara mu mugabane wawe.” Ngibyo. Daniyeli, umuhanuzi w'Imana, yari yarabonye ko imperuka iri bugufi. Kandi Imana yari yaramubwiye iti: “Wowe Daniyeli, uzahagarara mu mugabane wawe kiriya gihe ni kigera.” None dore ngo araba hariya, arazuka, ntiyari Isirayeli yose, ahubwo ishusho y'Umugeni wa Isirayeli.

42 Mu by'ukuri, abasigaye ba Isirayeli ntibazuka mbere y'izuka rusange. Kandi noneho, mu Kuza k'Umwami Yesu, abakunda Kuza Kwe by'ukuri, ababereyeho ibyo, ubwo Azaboneka ku bicu, Itorero ryari ryarapfiriye muri Kristo rizazuka, kandi abo bazazuka mu kanya nk'ako guhumbya. Abandi nta cyo babiziho. Mwibuke, babonekeye abantu mu murwa. Murabona, ni uko Izamurwa rizagenda. Tuzabonana hagati yacu kandi tuzababona. Abasigaye b'isi ntibazababona. Itorero rizaba ryazamuwe mu ibanga, icyo gihe ni cyo dutegereje; hanyuma Rizagarurwa mu isi n'iriya Ngoma y'Ubwiza y'Imyaka Igihumbi,

43 Rero Rizima Ingoma y'Imyaka Igihumbi. Abasigaye mu bapfuye ntibazabaho mu gihe cy'imyaka igihumbi, hanyuma bazazuka igihe cy'izuka rusange ubwo Isirayeli yose…

Kandi munarebe buriya, za ntumwa cumi n'ebyiri, ba bakurambere cumi na babiri bari bahagarariwe bose. Kandi ntitwari twagera aho, wenda niba ari ubushake bw'Umwami, tuzagerayo mu isezerano, uburyo ziriya nkuta za yasipi n'ariya mabuye cumi n'abiri, ziriya mfatiro cumi n'ebyiri, ibyo byose byari bihagarariwe. Ziri hano ku ntebe z'ubwami cumi n'ebyiri, abamarayika ntumwa ba biriya bihe ngo bacire abanze Ubutumwa bwabo ho iteka. Amina.

Icyo gihe cyiza kirasohoye. Yego, mbega igihe! Mbega igihe turimo! Mbega uburyo twakagombye kwisuzuma, torero! Mu by'ukuri, turavuga kuri ibyo bintu bigiye kuza, bigiye kuza: mu by'ukuri, dusubire inyuma hano, maze turebe, twisuzume hanyuma turebe niba turi mu kwizera by'ukuri.

44 Noneho, tuvuge ku banesheje bake mu gihe gito. Mu gihe cya Nowa… Ku bwa Yesu, yari urugero rwa

none. Nakabaye ntari burenze iminota cumi: none ndi bukoreshe igice cy'isaha. Nta kindi nakoze uretse gutangira urupapuro rwa mbere. Ngiye kugira izo nsimbuka ni binshobokera, ngo ntangire…

Nimwitegereze. Mu gihe cya Nowa, ishusho ya none. Yesu yaramwifashishije maze Avuga ati: "Ibyabaye mu gihe cya Nowa ni byo bizaba mu gihe cy'Ukuza k'Umwana w'umuntu." Mu gihe cya Nowa. Ni ko bizaba bimeze mu gihe cy'Ukuza k'Umwana w'umuntu. Mwitegereze, hari bariya bantu ba mbere y'umwuzure bose, wenda, za miliyoni z'abantu, hari abaneshi munani. Abantu munani ni bo banesheje, abari abaneshi nyakuri. Hari abahungu batatu ba Nowa n'abagore babo, na Nowa n'umugore we, abaneshi munani binjiye mu nkuge mu gihe gikwiriye. Bagezeyo bate? Bateze Ijambo ry'Imana amatwi. Nta bwo bisanze hanze y'inkuge. Bisanze imbere mo imbere.

45 Yoo, ncuti zanjye z'agaciro, ntimwemere ko uyu muryango ukingwa. Yesu yavuze ati: Ibyabaye muri kiriya gihe, ni byo bizaba no mu Kuza k'Umwana w'umuntu (urakoze mwenedata) - ni byo bizaba mu Kuza k'Umwana w'umuntu. Noneho, niba hari ukingiraniwe hanze y'inkuge…

Wasanga abenshi muri bo bari bafite imigambi myiza, bibwira bati: "Biriya bintu biramutse bibaye, tuzinjirana na mwenedata Nowa, kuko ari umuntu mwiza." Ah'ubwo murabona, umunani bakingiraniwe mo imbere. Mu by'ukuri, mubitekerezeho mwitwararitse noneho; niba mugumye hariya hazengurutse mwitetesha, nimwinjire, mwihute, nimuhunge, kuko urugi rushobora gukingwa igihe icyo ari cyo cyose.

46 Kandi nta gihe hatabayeho inkuge mu butunzi bw'Imana. Habayeho inkuge mu bihe bya Nowa ku bw'agakiza k'ubwoko Bwayo. Hari harabayeho inkuge mu bihe by'amategeko, inkuge y'ubuhamya mu bihe by'amategeko. Abantu bakurikiraga iyo nkuge, none ubu hariho igihe cya gatatu, gisa n'icya Nowa, mu gihe cya Loti, kandi icyo gihe ni none. Ubu hariho inkuge, kandi iyo nkuge, si idini, habe n'imirimo myiza mukora, ni ku bwa Mwuka umwe rukumbi. Abaroma 8:1 handitswe ngo: "Twabatirijwe twese kuba ingingo z'Umubiri umwe rukumbi," mu cyanya cy'ubwo Bwami, umubatizo umwe rukumbi wo mu buryo bw'umwuka. Uko waba umugwaneza kose, uko waba mubi n'ibindi kose: ubeshwa muri ubwo Bwami n'umubatizo wa Mwuka Wera. Murabona? Ni bwo buryo bwawe rukumbi bwo kunesha. Ni abari munsi y'Amaraso yamenetse bonyine banesheje: mu by'ukuri, ntushobora kunesha ubyishoboje; ni We ukuneshereza. Uriruhukira.

Ni gute rero namenya, Mwenedata Branham, ko ndi mo imbere? Itegereze ubuzima ubayeho. Isuzume byonyine. Reba niba ubayeho ubwo buzima mu buryo byikora cyangwa niba ukwiye kubanza gushyiramo akabaraga no gukurura (Murabona?) ngo ubashe kubigeraho. Ariko ntukagerageze kubikora.

47 Ni nko kugerageza gucisha akaboko k'umwana muto mu k'ishati (murabona?), azunguza akaganza mu byerekezo byose n'ibindi, murabona? Ntiyabigeraho, [Niba unyuzwe no kuvuga uti]: "Ambara iri kote, mukundwa." Ntiyabishobora. Akaboko ke kari mu kirere, arakamanura, akanakazunguza. Hagomba kuboneka ikiganza cyawe gikomeye. Kandi yoo! Mbega uburyo nejejwe n'uko nshobora byonyine kwegurira Data ikiganza cyanjye, maze nkavuga nti: "Mwami Yesu, sinashobora kukinjiza hariya. Mfasha: nyambika iryo kote. Ndetse kugerageza." Mureke Abikore byonyine.

48 Murabona, niba uwo mwana muto akomeje kugerageza, avuga ati: "Yoo, ndabishobora; ndabishoboye," akaboko ke kajya mu byerekezo byose; nta byo ari bushobore. Nawe ni uko: nanjye ni uko. Ariko turamutse twiturije byonyine maze tukayireka Ikikorera, byonyine tukayiyegurira tuvuga tuti: "Ndi hano, Mwami, ngenza uko ushaka. Ne kugira icyo mba cyo. Ndakwiyeguriye: shyira ikiganza cyanjye ahakwiriye." Iyo ni intsinzi: uko ni ko kunesha.

Icyo ukwiye kunesha, ni wowe ubwawe, ibitekerezo byawe, ibintu byawe, hanyuma ukamwiyegurira. Yaragutsindishirije cyangwa Yarakuneshereje: ni We uzi inzira; si twebwe.

49 Ariko mu gihe cya Nowa, habayeho abaneshi munani, kandi ni bo bari binjiye mu nkuge. Bakingiraniwe mo imbere. Noneho, mutege amatwi, ncuti zanjye, nizeye ko bariho bafata ibi amajwi, kandi niba ibi bica kuri televiziyo, cyangwa ah'ubwo bidaca kuri televiziyo, mumbabarire, niba ibyo byarashyizwe kuri bande, ibyo mukora byose, mwebwe muteze amatwi none aha, cyangwa muzatega amatwi nyuma, nta gihe gisigaye, nta gushidikanya ko mufite imigambi myiza, ariko mukingiranirwe mo imbere. Mu by'ukuri, mwe kwivumbagatanya. Ibyo ntibiterwa n'ushaka habe n'uwiruka, ah'ubwo biterwa n'Imana… Nimureke Imana byonyine. Muyiyegurire byonyine maze mukomeze urugendo mufite ukwizera kunyuzwe kandi gutunganye, kuko ibyo Imana yasezeranye, Inashoboye kubisohoza. Si ukwinjira mu idini rimwe cyangwa irindi no gukora hariya ugakora hino n'ibindi, no kugerageza ibi cyangwa biriya; mwiyegurire Imana byonyine kandi mugendane na Yo, mu mahoro, mu ituze; udahagarara; komeza ugendane na Yo byonyine. Ni ukuri.

Ni byo nabwiye mwenedata wari umaze gufatwa n'uburwayi bwo mu mutwe. Murabona? Nimumwiyegurire byonyine. Ari hano: ni We uzi ibyo wakoze, We wemeye ko uba mu miterere nk'iyo kandi ugakora ibi cyangwa ibyo byose. Azi ibyawe byose: none ubu, Amaze kugusubiza, Akubwira icyo ugomba gukora, nta kindi usibye kujya kubikora; ni ukuvuga, ibagirwa ibyatambutse byose, genda, hanyuma ubereho ahazaza mu ikuzo no mu Bwiza bw'Imana.

50 Abaneshi munani… Mu gihe cya Daniyeli, habayeho abaneshi bane bashoboye kwihanganira ikigeragezo cy'umuriro n'icy'intare. Mu by'ukuri, tugomba kudatungurwa no kugeragezwa. Ni icyigisho cyiza kuri mwenedata uri hariya inyuma, na we. Uje ku Mana agomba kubanza kugeragezwa. Ageragezwa ate? Binyuze mu Ijambo. Icyo ni cyo kigeragezo cy'Imana. Waba ubyizeye? Uje ku Mana, agomba kugeragezwa. Ibyo bigaragaza byonyine umwana w'Imana (Murabona?); kugeragezwa. Kandi iyo ikigeragezo kije, ntushobora kunesha keretse hari ikigeragezo uhawe. Kandi iyo uhawe ikigeragezo, biba ari ukugira ngo bigaragare ko ushobora kunesha cyangwa utabishobora. Kandi Yesu yavuze ati: "Unesha…" ikigeragezo. Ikigeragezo, nta cyagereranywa na cyo mu bwiza mu byakubaho. Kandi nizera ko mu Byanditswe Byera, handitswe… Ni Petero wavuze ko ibigeragezo byacu biturutira zahabu itunganijwe. Ni igihe cy'ibigeragezo: ni… kandi ikigeragezo cyiza kuri twe ko Imana iri kumwe na twe, ni iyo tugeragejwe, kuko abana b'Imana bageragezwa.

51 Kandi Daniyeli, umuntu, umuhanuzi: Saduraka, Meshaki na Abedi-Nego… Daniyeli yari umuhanuzi, kandi iyo ni yo yari ingano y'itorero muri kiriya gihe, ndashaka kuvuga Umugeni. Amatorero menshi, abantu bakababakaba miliyoni ebyiri bari bagiye hariya. Ariko hari… Uwo ni wo wari umubare w'abaneshi. Maze abo baneshi barageragezwa. Kandi buri muneshi agomba kugeragezwa. Kandi ubwo bababwiraga bati: "Nimwihakane icyo Ijambo rivuga cyose bitaba ibyo tubajugunye mu itanura rigurumana," banze byose usibye Ijambo.

52 Kandi ubwo bahaga Daniyeli ikigeragezo ko yagombaga kwihakana icyo Ijambo ryavugaga, Ijambo ryavugaga ko bagombaga kubarara mu cyerekezo cy'urusengero; kandi dukurikije isengesho rya Salomo, Imana yajyaga kubabatura kuri byose maze Ikabasubiza iri mu Ijuru mu gihe barebye mu cyerekezo cy'urusengero kandi basenga. Kandi abo bantu bari bavuze bati: "Ni hagira umuntu usenga muri ibyo bihe (Bavuze bati: 'Twebwe, turi Abamedi n'Abaperesi, nta cyo dushobora guhindura ku mategeko yacu.') azajugunywa mu rwobo rw'intare."

Baramuteze. Nizera ko uwo muhanuzi yari abizi. Bahoraga bamutega. Yagendaga yiyoroheje. Ubwo igihe yagombaga gusenga cyageraga, yari azi rero ko ahakwiriye, i Yerusalemu, hari igitambo ku gicaniro. Daniyeli ntiyatinyaga izo ntasi. Akingura idirishya maze arapfukama: azamura ibiganza abyerekeza ku Mana maze atangira gusenga. Kubera iki? Kwari ugupfa cyangwa gukira, yari afite intsinzi; kandi hari intsinzi ikomeye ku buryo intare zitashoboye kumurya. Murabona? Yaranesheje.

Saduraka, Meshaki na Abedi-Nego bari bafite intsinzi ikomeye ku buryo intare… ku buryo umuriro utashoboye kugira icyo ubatwara. Muzi ko intsinzi ari ikintu kitoroshye gutwika cyangwa kurya cyangwa mvuge iki? Murabona? Rero, bari bafite icyo.

53 Nashobora kuvuga undi muntu. Mu gihe cya Loti, Yesu yaramuvuze: hari batatu gusa banesheje: Loti n'abakobwa be babiri. N'umugore we nta bwo yanesheje. Yari yafashe inzira nk'abandi: ni urugero. (Nakwifuje kugira igihe gihagije, iminota yanjye mirongo itatu imaze kurangira none aha. Murabona?) Yari yagize neza: yari yasohotse. Mu by'ukuri, birakwiye ko mbaha ibi mu kanya gato.

Abenshi muri mwe barasohotse. Abenshi muri mwe bahuzwe ibyo bintu ngo bagire igihagararo, nyuma y'aho mufatiye igihagararo, aho mugenzuriye icy'ingenzi mu Byanditswe maze mukabona ko ari ukuri. Mufite igihamya cy'Imana Ishoborabyose, kandi atari icyo runaka yavuze ko ari igihamya, ah'ubwo igihamya cy'icyo Bibiliya yavuze, none dore icyahamijwe. Mwabonye ko ari ukuri. Mwiyemeje rero gusohoka muri Sodomu, kuva mu idini, guhurwa ibyabazirikaga ku mihango maze muhitamo gukurikira Kristo binyuze mu Mwuka Wera wihamiriza mu Ijambo ryanditse ry'Imana. Mu yindi mvugo, mwemeye Bibiliya mu cyimbo cy'ihame. Mwiyemeje gukurikira.

54 Mu by'ukuri, umugore wa Loti na we yakoze bimwe, murabizi. Yiyemeje kujyana na Loti, gukurikira umugabo we, abana be n'abakundwa be, ariko icy'ingenzi nta cyari mu mutima we. Yari agikunda isi. Byashoboka ko utera agatambwe kambere kandi isi itarakuvamo. Murabona, nta bwo yanesheje habe na busa. Kabone n'ubwo yari ari mu nzira, ku iherezo icyo kintu cyaramwubitse. Byamubereye ngombwa kongera kunagayo urwo rujisho rwanyuma. Ni aho yifatishirije. Ntukanarebe inyuma. Ntukanabyifuze. Komeza urugendo. Tumbira i Kaluvari byonyine maze ukataze ugana kuri Kristo.

55 Murabona, yafashe inzira nk'umugore w'umutsinzi, ariko ntiyanesheje habe na busa. Yoo, yavuye mu idini, nta gushidikanya. Yasohokanye na Loti muri Sodomu, ariko yashakaga gusubirayo ngo ajye kwiyogoshesha umusatsi. Mwaba muzi ibyo ari byo…?… Yagombaga gusubirayo. Ntiyashoboye kwihanganira ikigeragezo. Byamubereye ngombwa kureba inyuma indi ncuro kugira ngo arebe ibyo abandi bakoraga. "Yoo, murabizi, hariya mpafite incuti nziza uko biri kose. Kandi uko biri kose, uku kwaba ari ukunanura amaguru bisanzwe: sinzi niba byaba ari iby'ukuri cyangwa atari byo. Nta kindi mfite uretse ibyo uyu muntu yabivuzeho, n'ubwo ari umugabo wanjye, nyamara (Umushumba wawe akaba n'umugabo wawe, mu buryo bw'umwuka. Murabona?), mu by'ukuri, sinzi niba ibyo - byaba ari iby'ukuri cyangwa atari byo. Nta byo nzi, wenda… ihishurirwa rye ntiryari ryo…?…" Rero, niba utanyuzwe mu buryo butunganye, nta bwo uhamirijwe ko ari Ijambo ry'Imana, rero - rero ntiwashobora kugenda. Murabona? Ugomba kugurwa by'ukuri. Ugomba kumenya icy'Imana, atari ukuvuga byonyine uti: "Mu by'ukuri, mbona abandi

babikora. Ndabona ikimenyetso."

56 Murabizi ko Isirayeli yafashe inzira… Nashobora kuvuga bimwe kandi nkabikoresha hano. Mu ihaguruka, abantu miliyoni ebyiri bakomeye, ni bo bari basohotse, ariko babiri gusa ni bo bageze mu gihugu cy'isezerano. Ni ukuri. Babonye imirimo y'Imana, babonye ukwigaragaza kwa Mwuka: babonye ibitangaza byiza kandi bikomeye bikorerwa mu Egiputa n'ibindi, kandi barasohotse, ariko icy'ingenzi nta cyari mu mitima yabo. Nta bwo bari baranesheje: barasohotse byonyine. Kandi Yesu yavuze ati: "Kandi bapfiriye mu butayu hanyuma bapfa by'iteka ryose." Bose barapfuye: bivuze "ugutandukana n'Imana by'iteka." Baboreye mu butayu bose.

57 Ariko habayeho abagabo babiri, Yoshuwa na Kalebu. Kandi ubwo bageraga mu ihangana (inzitizi zari zikomeye ku buryo bagaragaraga nk'inzige iruhande rwabo.), Yoshuwa na Kalebu bariyamirira, bavuga bati: "Turenze kubishobora!" Kubera iki? Imana ni Yo yari yabivuze. Kandi bari abaneshi. Baranesheje. Muri iryo dini rikomeye ry'abantu, ni bo bari bafite isumbwe ryo kwinjiza Umugeni watoranijwe w'ukuri mu gihugu cy'Isezerano. Yoshuwa na Kalebu bari hariya ku rugamba nk'abo ba jenerali bombi: barabayoboye babageza ku mugezi, barawambuka maze binjira mu gihugu cy'Isezerano. Kubera iki? Bizeye Ijambo.

58 Icyo… cyose. Datani yarahagurutse… Ahubwo Datani yahagurukanye na Kora, maze bagerageza kuvuga bati: "Uyu mugabo agerageza kwishyira hejuru yacu twese, akavuga ko arusha abantu bose kwera," na nyuma y'aho Imana ihamirije uwo mugabo. Bavuga bati: "Tugiye byonyine gutangiza itsinda. Tugiye gukora ibi na biriya. Kandi tugiye gushinga amadini yacu, tugiye gukora…": maze barapfa kandi bararimbuka. Ariko abo bagabo bari bafite Ijambo ry'Uwiteka, maze baryikomezaho. Hanyuma barambuka. Si utangira: ugera ku iherezo ni we ugize icyo avuga. Abantu benshi batangira isiganwa, ariko umwe rukumbi ni we urirangiza. Amatorero azatangira ari menshi, amatsinda menshi y'abantu. Ariko itsinda rimwe rukumbi ni ryo rizagera ku iherezo. Ni abaneshi.

59 Mu gihe cya Loti… Yego, umugore wa Loti byamubereye ngombwa kunaga ruriya rujisho inyuma. Yoo! Nsizeyo Runaka. Biriya bihe byiza twagiranaga, sinteze kubyibagirwa! Hanyuma akingiranirwa hanze nk'uko byagendekeye ab'igihe cya Nowa. Yashyiriweho ikimenyetso hanze y'imbabazi maze ararimbuka. Kandi iyo nkingi [y'umunyu], nk'uko bavuga, iracyari aho kugeza none, (Njye, nta byo nzi.) Ushobora gukuraho ikimanyu maze kigatoha. Inkingi y'umunyu. Uramutse urebye iriya filimi Sodomu na Gomora wabona inkingi y'umunyu y'umwimerere ihagaze hariya.

Mu by'ukuri, hari itandukaniro hagati y'inkingi y'umunyu n'inkingi y'umuriro.

60 Mu by'ukuri, mwitegereze, mu gihe cya Yohana Umubatiza, habayeho abantu batandatu banesheje. Hagiye habaho abaneshi mu bisekuru byose. Mu gihe cya Yohana, hariho batandatu: Yozefu na Mariya, Zakariya na Elizabeti, Simiyoni na Ana; umugabo n'umugore, umugabo n'umugore, umugabo n'umugore (Murabona?), ishusho ya Kristo n'Itorero, Kristo n'Itorero, Kristo n'Itorero, Kristo n'Itorero. Murabona, murabona?

Mwitegereze, bitangirana n'umuntu wa kamere. Nowa - Mose - cyangwa Yozefu. Umuntu wa kamere Yozefu, yari muntu ki? Umubaji. Hanyuma umutambyi, yari muntu ki? Murabona? Umutambyi mu nzu y'Uwiteka, Zakariya. Kandi uvuye aho ukagera kuri Simiyoni, umuhanuzi, n'umuhanuzikazi. Murebe…?… Ugutsindishirizwa, ukwezwa, umubatizo wa Mwuka Wera. Amina. Nta bwo mwaba mubibona? Biratunganye. Batandatu ni bo banesheje. Abasigaye bose, bari baratambye igitambo cyabo n'ibindi, ariko aba bari intore. Baranesheje.

61 Mwitegereze, buri gisekuru cy'Itorero, hari abanesheje ubwo… Muri buri gisekuru cy'Itorero, hari abanesheje ikigeragezo cy'icyo gisekuru. Mfite Ibyanditswe hano: sintekereza ko dufite igihe cyo kwita kuri ibyo. Ariko tuzi… Buri gisekuru cy'Itorero… Ni bimwe noneho, ni nk'umuntu

Murabona, ni nk'uko nabivuze mu ntangiriro wavutse uneshejwe. Kandi iryo vuka ntiriteze gukora… kukuzanira ubugingo, kuko wavutse uneshejwe. Kandi muri mu isi yaneshejwe, mu bwoko bwaneshejwe bu-… mu mihango yaneshejwe, amadini yaneshejwe. Ukwiye, mu buryo bumwe cyangwa ubundi, kugera ku ntsinzi.

62 Neza neza ni nk'umwangange. Nyamara, ntekereza ko umwangange, ari rumwe mu ndabo zihebuje izindi ubwiza. Nkunda cyane iriya myangange ya Calla n'iyo ku bidendezi. Ntekereza ko ari nta cyo wabona kinganya ubwiza n'umwangange munini wo ku kidendezi, bawita umwangange wo ku mazi. Mbega uburyo uca ibibatsi! Mbega ni he uturuka? Ni imbuto iri hariya munsi h'ikidendezi cy'isayo kandi cyanduye. Nyamara, kariya kabuto, ubwiza kazagaragaza bwose buri muri ko, kuriya kurabagirana kuri hariya mu gihe kari hariya muri kiriya cyondo. Ariko uwo mwangange ugomba kurwana buri munsi, uzi ko hari ikintu runaka… Ni umukara: uranduye; wuje imbyiro; wuzuye icyondo aho uba, nyamara wicira inzira mu cyondo, imbyiro n'amazi na hariya hantu h'amazi y'ibihurira kugeza ubwo uzamuye umutwe hejuru ya byose, ahari umucyo, hanyuma ukagaragaza icyari cyarahishwe muri wo igihe cyose.

Ntekereza ko ari umuneshi wahoze mu byaha, wakoraga ibigawa (Nta bwo bikimuhangayikishije none.

Murabona?), umuneshi wahoze akora ibibi. Rero… Mu by'ukuri, kuki wakongera kureba inyuma kuri cya kidendezi? Murabona, nimutege amatwi, mufite…

63 Imana mu kumenya byose Kwayo (murabona?) yashubije iyo mbuto ubuzima; kandi burigaragaza (murabona?), burazuka. Kandi noneho, hejuru y'ibyo byose, bwaranesheje. Murabona? Murabona? Si hariya hasi bwigaragariza. Burazamuka ngo bwigaragaze. Nawe udasigaye, ntiwajyaga gushobora kugira icyo ugaragaza mu - mu cyaha cyawe, ubusambanyi n'ibyo bintu byose wabagamo. Nta cyo wagaragaje na gito, ariko hari imbuto mo imbere. None Bwabonye uburyo bwo kwicira inzira igana mu Bugingo, none ubu uri mu Bwiza bwa Yesu Kristo hamwe n'Umucyo w'Izuba. Ibyo byagaragaje icyo wari cyo mu ntangiriro. Waba ubona icyo nshaka kuvuga? Wabonye Umucyo. Warisanzuye. Wakinguye umutima wawe, none ubu uri umwangange.

64 Muribuka ikibwiriza cyanjye ku mwangange: Nyakubahwa Mwangange, uburyo akora, ntaboha imyambaro, nyamara Salomo mu bwiza bwe bwose ntiyigeze aberwa nka kamwe mu burabyo… Itegereze umwangange. Warabyutse… Nta cyo wikubira ubwawo. Umwangange ntiwiyitaho. Ni iki ukora? Umurika ubwiza bwawo hanze, ubuzima bwawo, kugira ngo abandi babone. Ubuzima bwawo bugaragarizwa hanze kugira ngo abandi babone ubwiza bwawo, ikiri muri wo, icyari muri wo muri icyo cyondo. Noneho uri hejuru: dore umuneshi. Wanesheje icyondo. Wanesheje iby'isi: none ubu, uritanga ku buntu. Bose bashobora kuwureba, ubuzima bwawo, ntushobora kuwutunga agatoke. Murabona, ni umuneshi nyakuri. Nta cyo washobora kumuvugaho ubu, keretse: "Sohoka mu cyondo." Ariko ntukiri mu cyondo ubu: uri hejuru y'ibyo byose. Amina. Ntugishobora gushyira urutoke ku cyo wari cyo. Ni iki uri cyo noneho? Uri hejuru.

Rero uruyuki runyura hariya maze rukavuga ruti: "Mbega impumuro itagira uko isa! Ngomba gufataho umugabane wanjye."

Umwangange wugurura umutima wawo byonyine, ukavuga uti: "Nimuze! Mbitangira ubuntu." Bose hari icyo bawukuraho. Murabona? Ni umushumba nyakuri. Werekana Ubwiza bw'Imana, kandi urebe aho uvuye. Byawubereye ngombwa kunesha ngo ugereyo.

65 Igihe kimwe, yari muto, afite uburanga. Bahuye n'ibigeragezo byinshi, ariko barabinesha. Murabona? Baranesheje, kuri ubu, bavugisha imibereho yabo, ubwiza nyakuri bwa Kristo.

Mwitegereze, uvugira mu cyondo. Yesu yaduhaye urugero rw'uburyo bwo kubikora. Noneho, turashaka kumenya uburyo bwo kunesha. Yesu yatwigishije uburyo bwo kubikora. Murabona, mu kwiyoroshya, Yakenyeye igitambaro, akarabya kandi ahanagura ibirenge by'abigishwa Be. Imana y'Ijuru Ubwayo, ica bugufi.

Ntidushaka kwicisha bugufi. Ni yo mpamvu badashaka kureka ngo imisatsi yabo ikure, ni yo mpamvu badashaka kwambara nk'abagore biyubashye: ni nk'abagabo, ntibashaka… Murabona? Ni bimwe. Ntiba-… Bacishijwe bugufi. Ariko Yesu, igihe cyose… Mwitegereze Uwo Yari We. Ugukomera (Hari icyo ngiye kuvuga)… Ugukomera kwicisha bugufi. Ubuntu bwicisha bugufi, ni ko gukomera.

66 Nagize isumbwe ryo kubona… ryo guhura na bamwe mu bakomeye. Kandi ni uburyo buguhindurira imyambaro kandi bugatera ibiceri kujegerera mu mufuka wawe… Ni ubwo buryo butera umuntu kumva hari icyo ari cyo kandi ari nta cyo. Ariko nagumanye n'abakomeye, ndashaka kuvuga abantu bakomeye, bambaye ubushwambagara, bambaye umwenda utaruta ukuboko kw'ishati, maze bakagutera kwibwira ko ari wowe muntu w'akataraboneka. Murabona, gukomera, ni ukwiyoroshya. Ntimukabyibagirwe, torero. Ugukomera kugaragarira mu kwiyoroshya, si mu rwego rwo kugira ubuntu… Sinshaka kuvuga umwanda. Ndashaka kuvuga guca bugufi by'umutima. Murabona, simvuze ko utagomba gusohoka, gukaraba no kugira isuku. Ibyo… Mugomba kubikora, kandi murabizi. Murabona? Ariko ndavuga guca bugufi, guca bugufi by'ukuri, atari iby'ibikorano, ah'ubwo ikintu runaka gifite ubuzima, uguca bugufi nyabyo.

67 Yesu yatwigishije uburyo bwo kubikora. Yaranesheje. Ndashaka kuvuga… "Kunesha" bisobanura: "Kwihanganira ikigeragezo." (Neza neza) nk'uko abera ba kera bose babigenje, nk'uko Yesu yabigenje. Hagati y'abanzi Be bose, Yihanganiye ikigeragezo. Imbere y'ikintu cyose cyamugerageje, Yahagaze yemye. Imbere y'uburwayi, We nka Mesiya, Yakijije abantu. Imbere y'urupfu, Yaruhinduye ubuzima. Imbere ya Kaluvari, urupfu Rwe Bwite, Yararunesheje mu kwitanga Ubwe. Ate? Akoresheje Ijambo. Avuga ati: "Nimusenye uru Rusengero, Ndaba nduhagaritse mu minsi itatu". Byavuzwe n'Ijambo. Murabona? Imbere y'urupfu, Yararunesheje. I kuzimu, Yarakunesheje. Yego. Ageze mu mva, Yarayinesheje. Ate? Byose Akoresheje Ijambo no kwicisha bugufi. Mbega byiza! Nguwo Umuntu nyakuri! Nguwo Umuntu ukwiye kugira icyitegererezo. Murabona, Yararwanye maze Anesha ibyo byose.

68 Nimutege amatwi. Yarageragejwe. Mwari mubizi? Bibiliya ivuga ko Yageragejwe, nka twe, muri byose, nyamara, nta cyaha Yari afite. Yageragejwe n'inzoga, Ageragezwa n'abagore: Yageragejwe n'ibitugerageza byose: Yari umuntu. Nyamara, nta washoboye kumutunga agatoke. Yego yego. "Kunesha" bisobanura "kumenya Satani mu mayeri ye yose."

Abantu benshi bavuga ko Satani ari ntawe ubaho, ko ari igitekerezo byonyine. Ntukabyemere. Satani ariho. Ariho nk'uko nawe uriho, nk'undi wese, kandi ugomba kumenya ko ariho. Ugomba kumenya ko ari idayimoni kandi ko akurwanya. Rero, kugira ngo umuneshe, ugomba kumenya ko Imana iri muri wowe imuruta kandi Ikamurusha imbaraga… Kandi ko Uri muri wowe yamunesheje, kandi ko ku bw'ubuntu Bwe, ari nta cyo Satani avuze imbere yawe. Amina. Hariho ukunesha nyakuri.

69 Iyo uzi - ureba inyuma inyuma maze ukavuga uti: "Ndacyakora ibi, kandi ndacyakora biriya." Rero, yoo, yoo, watsinzwe. Ariko nta teka rizacirwa ku bari muri Kristo Yesu, abatagengwa n'umubiri, ah'ubwo na Mwuka. Hanyuma, uzabona ko uzamunesha niba uzi ko ari Satani. Ntushobora kuvuga uti: ndarwaye, kandi sinemera ko ari uburwayi. Yoo yego, nta gushidikanya ko ari uburwayi. Urwaye kanseri, ntiwemera ko ari kanseri, ni kanseri, ni kanseri. Ariko ntukabyibagirwe, Uri muri wowe, aruta uri mu b'isi. Ugomba kumenya ko Mwuka Wera uri muri wowe yanesheje ibyo byose. Kandi niba Ari muri wowe, ni We uzakuneshesha. Birumvikana neza. Ni uko nyine Bibiliya yanditswe, mu kunesha. Ngomba kwihuta. Ndengejeho iminota 45 ubu. Kuri ubu, ndasiganwa n'igihe.

70 Mwitegereze, kunesha. Imana iri muri wowe iruta ikiri muri we. Imana y'iyi si ntiyakwigerera Imana y'Ijuru iri muri wowe. Habe n'uko umwijima udashobora kwihanganira Umucyo… Mu by'ukuri, umwijima ntushobora kwihanganira umucyo. Uko bwakwijima bute, umucyo uzirukana umwijima. Umwijima ntushobora kwihangana imbere y'umucyo. Icyubahiro kibe icy'Imana! Fata ingano y'umwijima ushaka, maze ugerageze kuwubangikanya n'umucyo, maze urebe ikiri bube.

Ni cyo Uri muri wowe ari cyo, ni We Mucyo. Kandi uri mu isi ni umwijima. Nyamara, byaragaragaye ko Umucyo urusha umwijima imbaraga. Kandi uri muri Kristo, kandi akaba azi ko yanesheje iby'isi (Amina), ntakiboshye, afite umudendezo. "Nimugendere mu Mucyo, kuko ari We Mucyo, kandi Amaraso ya Yesu atwezaho icyaha cyose, kandi dusabanye hagati yacu by'iteka." Twaba turi kumwe?

71 Uri muri mwe aruta uri mu b'isi. Mu by'ukuri, niba witegereje igihe cyatambutse, uciriweho iteka, rero… Uracyari mu isi. Ariko niba ubayeho hejuru y'ibyo, ni bwo Uri muri wowe, Akuyobora hejuru y'umwijima.

Kimwe n'umwangange, uri hejuru y'umwijima w'icyondo. Uri hejuru y'umwijima w'amazi y'ikiziba. Uri mu mucyo, ugaragaza ubwiza bwawushyizwemo mbere y'uko uva mu cyondo. Amina. Mu by'ukuri, nk'umukristo, ndumva navuza akaruru. Icyo Imana yari yarashyize mo imbere uhereye mu ntangiriro, icyo cyamuciriye inzira maze aranesha. Icyo cyanesheje igikonoshwa, icyo cyanesheje icyondo, icyo cyanesheje amazi. Icyo cyanesheje byose maze gihinduka ikineshi ngo kigaragaze ubwiza n'ikuzo by'Imana.

72 Ni uko umwizera wese abigenza. Ni ko Nowa yabigenje. Ni ko Loti yabigenje. Ni ko… Itegereze umwanda yari arimo. Ni ko Mose yabigenje. Ni ko Yoshuwa yabigenje. Ni ko Daniyeli yabigenje. Ni ko Saduraka, Meshaki babigenje. Ni ko Yohana Umubatiza, Zakariya, Elizabeti babigenje. Ni muri ubwo buryo Simiyoni, Ana, buri wese muri bo, yabigenje. Banesheje ibyondo byari bibazengurutse banabishayemo: babyukije umutwe hejuru y'ibyo maze barabagiranisha ubwiza bw'Imana. Ni cyo umukristo w'ukuri akora.

73 Mwibuke, Yesu yatweretse uko twagenza. Iminsi mirongo ine y'ibigeragezo n'ibishuko, Yesu Kristo yageragejwe birenze uko umuntu yageragezwa, ubwo Yageragezwaga. Mu by'ukuri, reba. Yatweretse uburyo twagenza. (Mu by'ukuri, ndasoza mu kanya, murabona). Mutege amatwi, Yatweretse uko twagenza. Yabigenje Ate? Akoresha Ijambo. Ni muri ubwo buryo Yabigenje: mu by'ukuri, ni We Jambo. Yesu yavuze ati: "Ni muguma muri njye, n'amagambo Yanjye akaguma muri mwe…"

Ni ukugaruka ku Ijambo, ku Ijambo ry'isezerano. Ijambo ry'isezerano kuri buri mukristo, ni irihe? "Uri muri mwe aruta uri mu b'isi." Ni gute rero nanesha? Si njye, ah'ubwo Ijambo riri muri njye. Ijambo ry'Imana. Ngiye kunesha iby'isi mbikesha Ijambo ry'Imana riri muri njye. "Ni muguma muri Njye n'Amagambo Yanjye akaguma muri mwe, musabe icyo mushaka." Komeza kwicira inzira ugana hejuru. Uzagera mu mpinga nk'uko incuro ebyiri kabiri bingana kane. Murabona, ugomba kugera mu mpinga.

74 Mu minsi 40 y'ibigeragezo, Yaneshesheje Ijambo ry'Imana. Nifuzaga kugira icyo nacaho akarongo mu kanya gato. Satani yamugabyeho ibitero bitatu bikomeye muri icyo kigeragezo. Mwitegereze: bihora ari bitatu. Ntimukabyibagirwe. Yagabye ibitero bitatu bikomeye: ahereye ku gikomeye agana ku cyoroheje. Nta ko atagize ngo amugushe, ariko ni We Jambo. Amina. Ni iki Yakoresheje? We Ubwe, Ijambo. Satani yamugabyeho ibitero bitatu bya simusiga, ariko abikinga Ijambo. Yagabye buri gitero akoresha Ijambo (Mukurikire rero ibi) uhereye ku gikomeye ukageza ku cyoroheje.

75 Mu gitero cye cyambere, yamuteye gukoresha ububasha Bwe bukomeye. Mu by'ukuri, Yesu yari azi ko ari We Jambo. Yari azi igihagararo Cye. Mwaba mwizera ko ari ko byari bimeze? "Ni Njye Mwana w'umuntu." Yari Azi igihagararo Cye. Maze Satani araza, ashaka ko Akoresha ububasha Bwe ngo yigaburire, kuko yari ashonje. Iyo umuntu ashonje, ashobora gukora hafi ya byose. Aziba, azariganya, azasabiriza, azaguza, nta cyo atazakora. Murabona? Yashakaga icyo kurya. Kandi Satani, mu gitero cye gikomeye cya mbere, yagerageje kumutera gukoresha mu nyungu Ze Bwite ububasha Yahawe bwo

kunesha. Ntiyabukoresheje mu nyungu Ze Bwite, Yabukoresheje mu nyungu z'abandi. Ni byo, Yabukoresheje mu nyungu z'abandi, si mu Ze. Ntiyari Uwe. N'ubwo Yari abishoboye. Nta gushidikanya ko Yari abishoboye.

76 Mbese mwaba muzi uburyo Satani abyitwaramo? Ashaka ko mumwitaho. We yitaye ku byo Se yamubwiraga gukora. Ni byo. Yavuze… Na Satani avuga ati: "Handitse ngo: Azagutegekera abamarayika ngo ba-…"

Yesu yavuze ati: "Yego, ariko kandi handitse…" Twaba turi kumwe? Murabona, Yari yiyizi. Satani yakoze… Igitekerezo kirusha icyanditswe kujya kure. Murabona, ni uguhumekerwa. Impeke mo imbere (murabona?), icyo icy'ingenzi kiri cyo by'ukuri.

N'ubwo Yari abishoboye, nta byo Yakoze. Kandi ntiyigeze Yita ku mpano ya Satani. Dore noneho ikintu cyiza. Murabona, rimwe na rimwe, Satani ashobora kugufata, kandi iyo utekereza ko uriho ukora ubushake bw'Imana, ashobora kukugira inama yakugusha mu mutego. Yego, yego. Nta gushidikanya ko abishoboye.

77 Mu by'ukuri, dufate bashiki bacu ho urugero. Bafite uburanga, kandi ashobora kubatera kureka imisatsi yanyu igakura, ntareke mumenya ko ibatera kugaragara neza, hanyuma, murabizi, ugatangira kugira ubwibone, ukumva ko hari uwo uruta. Bamwe muri mwe abantu, muzi icyo nshaka kuvuga. Murabona, kandi ashobora gufata icyo kintu kimwe maze akakigushukisha. Ni byo. Murabona? Ugomba kukinesha. Ibuka ko ugomba kuberaho Imana byonyine. Ufite intego, kandi ni Yesu Kristo. Hanze y'ibyo, nta kindi gifite agaciro. Ni We ufite agaciro. Umwanya wa kabiri, ufite umuryango wawe: hanyuma mu mwanya wa gatatu, haza wowe. Umwanya wa mbere, Imana, hagakurikiraho umuryango wawe, hanyuma ugaheruka. Ishyire mu mwanya wa nyuma. We, Yarabikoze.

78 Itegereze icyo Yashoboraga gukora. Yavuze ati: "Nashobora guhamagara Data, Nkamuvugisha, maze Akanyoherereza imitwe 12 y'ingabo z'Abamarayika", mu gihe umwe wonyine washobora kurimbura isi. Avuga ati: "Iyo Ubwami Bwanjye bujya kuba ubw'iyi si, abagaragu Banjye bajyaga kurwana, ariko Ubwami Bwanjye ni ubwo Hejuru." Twaba turi kumwe? Murabona, Yashoboraga gukora ibyo, ariko nta byo Yakoze. Murabona? N'ubwo Yari abishoboye, Ntiyigeze atega amatwi inama ya Satani.

Mu by'ukuri, mwumvise abantu bavuga bati: "Niba mwizera ko hariho umukiza w'indwara wa kimana… Niba uri umukiza w'indwara wa kimana… Jya kunshakira umukiza w'indwara wawe wa kimana; mfite umurwayi hano, nifuzaga kubona amukiza." Waba ubona wa mudayimoni? Agerageza rero kukugira inama. Murabona? Agerageza kugutera kumutega amatwi, we aho kuyatega Imana. Ariko umugaragu w'Imana w'ukuri azabanza gutega amatwi no kubona icyo Imana ivuga.

79 Ni nko ku by'uruhinja Stadsklev, ubwo boherezaga hano… Muka Stadsklev yavuze ati: "Mwenedata Branham, naguhamagaye ndi mu Budage." Ingabo z'Amerika zari zifite imwe mu ndege zazo zikomeye hano kandi yagombaga kunjyana ikanarara ingaruye. Yari omoniye (umugaragu w'Imana wita ku basirikare. Kandi uruhinja rwari hariya ruryamishijwe, rwapfuye. Kandi uwo mubyeyi mugufi yaraborogaga, avuga ati: "Nimutege amatwi…") Yavugaga ati: "Ndabizi; nari ndi hariya maze mbona uwo mugore atwaye mu maboko urwo ruhinja rupfuye, urwo ruhinja rwari rwapfuye muri icyo gitondo. Kandi nabonye Mwenedata Branham aza, arambika ibiganza kuri urwo ruhinja rupfuye, maze rurazuka." Yongeraho ati: "Ni uruhinja rwanjye, Mwenedata Branham." Nta muntu bari bagapfushije mu muryango wabo. Murabona? Kandi icyo kiremwa gito cyari cyafashwe n'uburwayi muri icyo gitondo, apfa ku gicamunsi. Abantu bari buzuye aho, bahanura bicika, bavuga ko uruhinja rwari rugiye kuzuka n'ibindi nk'ibyo.

Mvuga nti: "Mu by'ukuri, ni byiza cyane, Mushiki wacu Stadsklev, ariko nyemerera ndebe icyo Data avuga." Maze njya mu ishyamba gusenga. Aho ngarukiye, yari amaze guhamagara incuro ebyiri cyangwa eshatu mbere y'uko ngaruka mu gitondo gikurikiyeho. Muganga yari yavuze ati: "Nta kibazo, niba ibyo… Niba ufite ukwizera kungana gutyo, wa mugore we, ntituri bureke umwana wawe ava mu bitaro. Ni agume aryamishijwe aho. Gumana na we hano. Nta cyo bitwaye." Mwenedata Stadsklev ajya kureba umugaba w'ingabo maze na we amubwira ati: "Nta kabuza, turamuha indege imuzana inamusubizeyo."

80 Hari indege yari yiteguye kuntwara muri icyo gitondo mu Budage, i Heidelberg, mu Budage, ku bwo kuzuka k'urwo ruhinja. Mvuga nti: "Nta gushidikanya ko Imana ishobora kubikora, ariko turebe ubushake Bwayo."

Rero narasohotse maze ndasenga ijoro ryose; ntihagira igikoreka. Igitondo gikurikiyeho, ndagaruka, nta cyabaye. Hanyuma nsubira muri cya cyumba. Neza neza icyo gihe, ndeba hariya, maze dore ngo uwo Mucyo uraboneka hariya, uri hejuru y'umuryango, Uvuga uti: "Wimurambikaho ikiganza cyawe. Wicyaha ibyo. Ni ikiganza cy'Imana."

Navuganye na mushiki wacu kuri telefone; mubwira nti: "Mushiki wacu Stadsklev, nimuhambe uruhinja rwanyu. Ni ikiganza cy'Umwami. Ni ubushake bw'Imana. Hari icyari kigiye kuzaba kuri urwo ruhinja nyuma mu buzima bwe. Nimureke ajye aho Imana izi ko ari. Ntimushobora kumusanga ubungubu.

Niba ariho, si ko mwebwe bizabagendekera. Mubirekere mutyo.”

Uriya mushumba ukomeye w'umuluteriyani w'Ubudage yanditse urwandiko ruvuga ruti: “Mbega ngo ndashima uburyo Mwenedata Branham yategereje icyemezo gisobanutse cy'Imana mbere yo kugira icyo avuga icyo ari cyo cyose.” Ni ibyo! Ihambire ku cyemezo cy'Imana. Icyo abandi bavuga cyose, cyangwa uko byamera, ntukakire inama ya Satani habe na busa.

81 Niba Satani avuze ati: “Mu by'ukuri, umubatizo w'amazi mu izina rya Data, n'Umwana…” Niba ibyo… niba hari ibyo akubwiye, byihorere. Imana ivuga ibindi. Niba akubwiye ati: “Uri umugabo mwiza; uri umugore mwiza, ntugomba gukora…” Ntukabyakire. Niba hari icyo Ijambo rivuga gitandukanye, gumana n'Ijambo utagize ikindi witaho. Urwo ni rwo rugero Yesu aduha, icyo ni cyo gitero gikomeye Satani yamugabyeho.

82 Hanyuma, igitero cya kabiri. Ngiye kwihuta (wagira ngo igihe gikabije kwihuta.) igitero gikomeye gikurikiyeho yamugabyeho, cyari kugira ngo Yitangeho igishungero. N'uburyo ibyo bigera ku bagaragu b'Imana: kugaragara neza, kwerekana icyo bashoboye. “Imana ihabwe icyubahiro! Haleluya, ndi umucunguzi. Hari icyo ndi cyo.” Murabona?

“Zamuka hano ku gasongero k'urusengero maze wicare hano.” Yesu yageragejwe na Satani ngo Abikore. Mu by'ukuri, ntimukabyibagirwe. Yageragejwe ngo Abikore. Byari bikomeye. Yavuze ati: “Mu by'ukuri, niba hari icyo ushaka kuba cyo imbere y'abantu, icara hano kuri uru rusengero maze usimbuke.” Murabona? “Ndaguha Icyanditswe kirebana na byo; mu by'ukuri, handitswe ngo 'Izagutegekera Abamarayika ngo bakuramire udasitara ku ibuye.' Kumutera kuba igishungero; ngo Yerekane ububasha Bwe…”

Nta mugaragu nyakuri w'Imana washobora gukora ibyo. Ni ubona umuntu yirata, arega agatuza n'ibindi nk'ibyo, ibuka gusa ko hari ikitagenda ahongaho. Oya, Imana ntishaka ibyo. Yesu yaduhaye urugero. Yashoboraga kubikora. Nta gushidikanya ko Yashoborga kubikora, ariko ntiyabikora. Nta mugaragu w'Imana n'umwe wirata, ugerageza gufata ububasha bw'Imana kugira ngo yerekane ko hari uwo ari hejuru.

83 Muribuka Mose, ubwo yakoraga ibyo? Mwaba mubyibuka? Imana yari yaramuhaye ububasha bwo gukora icyo yashakaga cyose, Yari yaramugize umuhanuzi. Yerekeje kuri icyo Gitare, maze akubita icyo Gitare ku ncuro ya kabiri. Byari bihabanye n'ubushake bw'Imana. Imana yari yavuze iti: “Bwira icyo Gitare. Ntugikubite incuro ya kabiri. Wishe ishusho yose hano. Igitare kigiye gukubitwa incuro imwe gusa.” Ariko agaragaza intege nke z'Ijambo ubwo yabikoraga, yerekana ko Ritari rihagije. Ijambo ni ryo ryagombaga kujya mbere, icyo Gitare cyashushanyaga Ijambo. Murabona?

Yakubise icyo Gitare incuro ya mbere maze gitoboka amazi. Hanyuma abantu bongera kugira inyota. Imana imubwira iti: “Noneho, subira ku Gitare maze ukibwire kibahe amazi.” Yakubiswe rimwe gusa. Murabona, ukudahaza kw'Ijambo, ni cyo Mose yahamije, ko Ijambo ritari riboneye. Ryakubiswe ubwa kabiri.

Mose yaramanutse rero maze akubita Igitare atyo; avuga ati: “Sohoka!” Amazi ntiyasohoka. Rero yakubise ku ncuro ya kabiri maze avuga ati: “Sohoka! Ngutegetse gusohoka!” Maze amazi arasohoka.

Imana yavuze iti: “Zamuka hano. Nyegera. Wihaye icyubahiro. Watwaye ubutware Bwanjye, kandi aho kunyeza, wiyejeje. Mu by'ukuri, nta bwo uzinjira mu gihugu. Reba maze ubone uko bisa, ariko hano, urugendo rwawe rurangiriye hano.” Mbega byiza! Nta wundi wongeye kubaho nka Mose, murabizi. Yoo, ntawe.

84 Ubwo yisangaga ari kumwe na Yesu muri icyo kigeragezo cy'ubwibone, yavuze ati: “Zamuka hano hejuru y'urusengero maze usimbuke.”

Yesu yavuze ati: “Handitswe ngo: (Amina.)'Ntukagerageze Uwiteka, Imana yawe.'” Murabona? Muri buri gitero gikomeye: Yagisanganizaga Ijambo.

Nta mugaragu w'Imana n'umwe ushaka kwiyamamaza akoresheje imbaraga z'Imana. Iyo abikoze, ahita atsindwa.

85 Igitero cya simusiga cya gatatu: Satani amushyeshyengesha kumuha ubu bwami. Yarabikoze. Satani avuga ati: “Waba Ubona ubwami bw'isi?” Ni ubwanjye. Mbukoza icyo nshatse. Ngiye kubuguha. Ariko ntimwibagirwe, yageragezaga kubumuha hanze y'Umusaraba. Iyo Yesu yemera, tuba twararimbutse. Yashoboraga gufata ubwami, ariko Yagombaga gukurikira… Yagombaga kugaruka. Rero Yari ashutswe kubikora. Birakomeye. Yari yarashutswe gukoresha umudendezo We ngo Abe Umwami w'isi atanyuze ku musaraba. Kandi iyo Ajya kubikora, Abe bajyaga kurimbuka. Satani yagushijwe neza no kumubwira ibyo. Ariko Yesu amusubiza ati: “Jya inyuma Yanjye, Satani!”

86 Nta byo Yakoze. Yaraje, arababazwa, maze Anyura inzira iruhije. Yahisemo inzira y'akarengane.

Yahisemo inzira y'akarengane; Yahisemo inzira y'urupfu. Twaba twiteguye muri iki gitondo guhitamo inzira We yakurikiye? Twaba twiteguye gupfa? Twaba twiteguye kwiyegurira Imana, tukitandukanya n'isi n'ibindi kugira ngo tumukorere? Murabona?

Mu by'ukuri, nta byo Yakoze. Satani yari yiteguye kubimwegurira byihuse. Ariko Yesu nta byo Yakiriye. N'ubwo Yesu yageragejwe, Yaratuneshereje. Yihanganiye ibishuko byose ku bwawe no ku bwanjye. Murabona, Yashoboraga guhita abifata icyo gihe. Ariko kuki Yahisemo indi nzira? Kwari ukugira ngo tubashe kuza no kubana na We. Kandi niba Yarishyuye ikiguzi, mbega uburyo twaba ducishijwe bugufi mu kwanga kwakira ibyo, igihe tuzi ko mu by'ukuri, ari nta kintu kiri hano.

87 Niba ushoboye kubaho imyaka 100, ni iki wageraho? Ku birebena n'ubugingo, umwuka wawe waba umaze gucika intege, kandi uzaba waramugaye byuzuye, umusaza rukukuri, ususumira. Ni aho ugana. Kandi iryo ni ryo herezo. Ngo ino noneho. Nesha ibyo. Ubigenza ute? Wifashishije Ijambo. Icyo Ijambo rivuga, ba ari cyo ukora. Gendera mu kwiyoroshya, tura mu Bwiza bwa Yesu.

Yababajwe ibyo byose ku bwawe no ku bwanjye. Ni We kitegererezo cyacu mu birebana no kunesha iki gisekuru kibi ari cyo cyacu, nk'uko We yanesheje igisekuru Cye kibi.

Nimwibuke, ubwo Yazaga mu isi, hari ubutizera nk'ubwahoze muri buri gisekuru cyangwa burenze. Ibyo nta bwo byamuhungabanije habe na busa. Ubwo bamwitaga dayimoni mu cyimbo cy'Imana, ubwo bamwitaga icyo biboneye cyose, nta bwo byamuhungabanije. Yari Afite intego: igitekerezo cya Data, gukomeza Ijambo. Ijambo ry'Imana. Yari afite igitekerezo kimwe rukumbi.

88 Hari ubwo twenda gusubira inyuma. Abenshi muri mwe benda gusubira mu madini, gusubira inyuma, kuko bose babaza iki kibazo: "Waba ubarizwa mu rihe dini? Waba uri uwo mu ruhe rusengero?" Turashukwa ngo tubikore. Buri wese muri twe arashukwa. Bashiki bacu barashukwa ngo basubire inyuma, ngo basubire inyuma maze bajye mu madini, bitababujije kuba abapantekote kandi bafite imisatsi yogoshe ndetse bambara uko bishakiye. Murabona, murashukwa ngo mubikore. Musubira inyuma, mukaba ibirangirire muri iki gisekuru kibi turimo mu gihe icyaha gikuru muri iki gisekuru, icyaha gikuru mu bwoko bwacu, ni ukuba uw'isi. Ni kimwe n'uko bivugwa na Bibiliya, Lawodikiya… Igisekuru cya Lawodikiya cyari… Ni icy'isi, kiratunze, kiratunganiwe, kandi kitazi ko ari igitindi cyo kubabarirwa, impumyi. Icyo ni cyo cyaha cy'igihe cyacu. Iyo wumvise Ijambo ry'Imana ricira ibyo ho iteka, ifatire indi nzira: ntuteze kuzabera isi ikirangirire.

89 Urashukwa ngo usubire inyuma. Nzi ko ari cyo mudahwema kumbwira. Nzi ko buri gihe mumbwira… Nzi ko murambiwe no guhora mwumva mbabwira ibyo. Na njye ndambiwe no kubereka ibyo. Icyo cyaha ngerageza kubabwira… Mumbwira muti: "Kuki uhora ubugarukaho?" Rekeraho kubikora rero. Ndashaka uko nakiza ubuzima bwanyu nkoresheje Ijambo. Na njye ndarambiwe. Nimubyuke rero. Ni icyaha, ntiwakagombye kugikora. Ashwi, ashwi.

Niba tugomba kunesha ibyo bintu, tugomba kudatungurwa no gushukwa na byo, n'isi. "Niba ukunda isi n'ibiyirimo, gukunda Imana nta kuri muri wowe." Byavuzwe na Yesu.

90 Mu by'ukuri, tugiye gusoza tuvuga tuti: Hari ingororano ku muneshi.

Nimunkundire ngire icyo mbasomera hano. Nimufate za Bibiliya zanyu. Twinjire mu Byahishuwe igice cya 3 - igice cya 2. Nimukurikire noneho. Ibyo bintu byose navuze ku birebana no kunesha. Mu by'ukuri, mwiyinire maze murebe, mwisuzume mu ndorerwamo y'umwuka. Murebe niba mwaranesheje.

91 Mu by'ukuri, ubutumwa bwa mbere bwoherererejwe marayika wa Efeso, nashakaga ko mukurikira icyo Yavuze mu Byahishuwe igice cya 2, umurongo wa 7. Ibi bigenewe iki gisekuru cy'Itorero, ubwo Yababwiraga ibyo bakoze byose, bari bararetse urukundo rwabo rwa mbere. Umurongo wa 7: Unesha (umuntu ku giti cye, si itorero)… Unesha nzamuha kurya ku giti cy'ubugingo kiri muri paradizo y'Imana. (Murabona abaneshi bo muri Efeso)

Mu by'ukuri, igikurikiyeho cyari Simuruna. Mu by'ukuri, ku baneshi b'icyo gisekuru, turumva ibi. Mu by'ukuri, ku murongo wa 11. Ufite ugutwi niyumve ibyo Mwuka abwira amatorero: Unesha nta cyo urupfu rwa kabiri ruzamutwara (Murabona, umuneshi…?…)

I Perugamo, tuzabona ibyahishiwe umuneshi w'icyo gisekuru. Tugiye gusoma umurongo wa 17, ureba itorero rya Perugamo. Ufite ugutwi… (Ni umuntu gatozi, si itsinda ryose, umuntu ku giti cye. Ni Umugeni usohotse, murabona, usohotse mu idini). Ufite ugutwi niyumve ibyo Mwuka abwira amatorero: Unesha nzamuha manu yahishwe, kandi nzamuha ibuye ry'umweru; kandi kuri iryo buye handitse izina rishya, ritagira uwarimenya keretse urihabwa wenyine. (Bireba umuneshi w'icyo gisekuru.)

92 Mu by'ukuri, igikurikiyeho, ni Tuwatira. Turebe icyo umuneshi w'iki gisekuru yahawe. Dufate umurongo wa 26. Kandi unesha, kandi agakomeza imirimo yanjye kugeza ku iherezo, nzamuha gutwara amahanga (Ni ukuri.) Kandi azayaragiza inkoni y'icyuma, nk'uko bamena urwabya rw'ibumba nk'uko nanjye nabiherewe ububasha na Data. Murabona? Na We mu ngoma Ye. Kristo agomba kuragiza amahanga inkoni

y'icyuma. Kandi dore Itorero ryanesheje ryicaranye na We ngo Rimenaguze amahanga inkoni y'icyuma.

Mu by'ukuri, rero dufate itorero rya Sarudi. Mu by'ukuri, igice cya 3, umurongo wa 5. Unesha azambikwa umwambaro wera, sinzahanagura na busa izina rye mu gitabo cy'ubugingo, ah'ubwo nzaturira izina rye imbere ya Data n'abamarayika bera. (Bireba umuneshi w'igisekuru cya Sarudi.)

93 Mu by'ukuri, noneho dufate umurongo wa 12. Mu by'ukuri, ibi bireba itorero rya Filadelifiya, ku murongo wa 12. Unesha, nzamuhindura inkingi mu rusengero rwa data, kandi ntazaba akihasohotse ukundi; nzamwandikaho izina ry'Imana yanjye, n'izina ry'umurwa w'Imana yanjye, irya Yerusalemu nshya izamanuka ivuye mu ijuru ku Mana yanjye… kandi nzamwandikaho izina ryanjye rishya.

Mwitegereze ibyasezeranijwe umuneshi. Murabona? Mu by'ukuri, mu by'ukuri, Lawodikiya, ni igisekuru cya nyuma, hazaba abaneshi bake muri iki gisekuru. Mwitegereze hariya. Ba-… Mwibuke buri gisekuru cy'Itorero, ikikibanjirije kiragwa ibyahawe ibindi byose. Mwitegereze hano. Mu by'ukuri, hano ni nyuma y'aho baboneye ubwo butware bwose, ayo mazina mashya n'ibyanditse byose Yasezeranye, kurya manu yahishwe, n'ibikurikira byose… Mwitegereze iki gisekuru cya nyuma cy'Itorero. Ibyahishuwe 3: 21 Unesha, nzamuha kwicarana na njye ku ntebe yanjye y'ubwami nk'uko na njye nanesheje nkicarana na we ku ntebe ye. Ufite ugutwi niyumve ibyo Mwuka abwira amatorero.

Hari ingororano ku baneshi. Mwebwe myangange, nimukomeze kujya mbere. Niba ibyo biri muri mwe, nimusohoke mu byondo no mu kindi cyose, maze mukure muza hejuru. Yego yego. "Kwicarana na Njye mu Ngoma."

94 Murabizi, igihe kimwe, nyina wa Yakobo na Yohana (nta gihe turi bubone cyo kuhasoma)… Nyina wa Yakobo na Yohana yaje gusaba uwo mwanya. Mwari mubizi? Mwaba mubyibuka? "Mwami, abahungu banjye bombi bazicarane na We baguhagatiye". Ni icyifuzo cy'umubyeyi usabira abana be. Ariko mwitegereze. Yesu avuga ati: Ariko uyu mwanya wagenewe umuntu isi itarashyirirwaho urufatiro. Icyo gihagararo cyari kitarabaho icyo gihe. Kubera iki? Mwitegereze, icyo gihagararo kizahabwa abo cyagenewe. Byari ibiki? Kwicara iburyo cyangwa iruhande Rwe wari umwanya, kugeza ubwo, wari waragenewe umuneshi. Murabona, byahoraga… Avuga ati: "Sinzatanga ibi… Sinashobora gutanga ibi, ariko nyuma y'ikigeragezo, bazicara iburyo n'ibumoso." Hari imbuto yatoranijwe itegerereje ibyo hariya. Ibyo bizahabwa abo byasezeranijwe. Ibyo ni bwo bizatangwa ariko ikigeragezo nticyari cyaza. Ibyo… Ntitwari twanesha.

95 Murabona, ku bireba abantu bagombaga gufata uwo mwanya, umwe muri uru ruhande Rwe rumwe, undi mu rundi, bamwegereye, mu Bwami, ibyo byari bitaratangwa. Murabona? Abo bantu bari bataranesha, ikigeragezo cyari kitaraza. Cyajyaga kuzaza mu nzagihe. Niba tubabara ku bwa Kristo no ku bw'Ijambo Rye, tuzimana na We, kuko ari We Jambo. Mwibuke, niba tubabara ku Bwe no ku bw'Ijambo Rye, tuzimana na We mu Ijambo Rye.

Mwitegereze. We, kitegererezo cyacu yaranesheje, hanyuma Azamuka nyuma yo kunesha urupfu, kuzimu, uburwayi, imva. Nta cyo Atanesheje, hanyuma Azamukana iminyago y'abo azuye, kandi aha abantu impano. Iryo ryari Isezerano rya Kera n'abera b'Isezerano rya Kera, bari baranesheje. Bari barategereje uwo Muntu hanyuma bapfa Atari yaza. Ariko aho uwo Muntu aziye, ibyo ntibyabujije abari basinziriye. Amina. Ntibashobora kurimbuka habe na busa. Twabaho cyangwa twapfa, ibyo bitwaye iki? Ibyo nta kibazo biteye. Murabona? Bari bategereje uwo…

96 Na Yobu wa kera, yari ategereje ibyo, avuga ati: "Nzi ko Umucunguzi wanjye ari muzima, kandi ko mu bihe bya nyuma, Azima mu isi." Yari umukiranutsi, umuntu utunganye. Yatambaga ibitambo, yakoraga ibyo Imana yamusabaga gukora byose. Yabikoranaga kubaha kwinshi. Yari umuhanuzi. Hanyuma Satani azanwa no kumushuka, neza neza nk'uko azanwa no kugushuka. Ni iki yakoze? Yakomeje igihagararo cye.

Ndetse n'umugore we yazanywe no kumubwira ati: "Watutse iyo Mana yawe maze ukipfira. Uteye agahinda rwose, aho ugeze." Avuga ati: "Uravuga nk'umugore w'umupfu." Mu by'ukuri, nta bwo yavuze ko ari umugore w'umupfu, ah'ubwo ko yavugaga nk'umugore w'umupfu. Murabona? Avuga ati: "Uravuga nk'umugore w'umupfu." Akomeza, avuga ati: "Uwiteka yaratanze, Uwiteka arishubije, Izina Rye rihabwe icyubahiro." Yaranesheje.

97 Aranesha bibera ngombwa abaturanyi be kubibara. Aranesha abanyedini Biludadi n'abandi bose bibabera ngombwa kubibara. Anesha karidinali maze bimubera ngombwa kubibara. Anesha idini maze biribera ngombwa kubibara. Yakomeye ku gukiranuka kw'Ijambo. Amina. Ibyo byamutwaye ibyo yari afite byose, n'abana be. Yishimishaga ibisebe urujyo yari yicariye: uko biri kose yari yanesheje. Kandi ubwo icyo gihe cyo kugeragezwa cyarangiraga, ni bwo ibicu byatamurukaga.

98 Yitaye ku gishyira mu gaciro cyose. Avuga ati: "Haracyari ibyiringiro ko igiti gitemwe cyongera kigashibuka. Iyo imbuto iguye mu butaka, irabora kandi ikongera kubaho. Ariko iyo umuntu aryamye, maze agapfa, aragenda, hanyuma abana be bakaza, abahungu be, bakaza kumusezeraho, bakamuririra, nta bwo aba yumva. Nta bwo aba akiyegura. Yoo! Nguwo! Ni ibiki? Na njye ndi imbuto. Ndi ikiremwa gifite

imbuto, kandi nzajya mu gitaka. Sinshobora kuzuka, nzaryama hariya. Yoo! Mpisha i kuzimu, mpisha mu bwihisho kugeza aho umujinya Wawe urangiriye. Nshyiriraho iherezo kandi uncire urubanza. Nk'uko amabuye asebwa… Nk'uko ibuye risebwa n'amazi… ” Maze akomeza kuvuga ibyo byose. Yabonaga ziriya ngero zose, icyo zari cyo. Yoo! Ntiyashoboraga kubona ibyo.

99 Mushiki wacu Rodgers, waba wibuka ko nari narabibwirije igihe cy'ishyingurwa rya Busty (Murabona?) ko ibuye ryasewe kandi ibyo bintu, n'ibindi…?

"Yoo, iyo Uba wari umpishe i kuzimu maze Ukantwikirirayo…" Akomeza kudacika intege. Avuga ati: "Nifuzaga kumenya, nifuzaga kumenya aho nabona Umuntu washobora kundambikaho ibiganza Bye, njye munyabyaha; maze Akandengera ku Mana yera." Mbega byiza! Ari hano. Nzi ko Ari hano. Hariya, hari Uwabishobora. Ahantu hamwe hari Umuntu. Ni he nabona uwo Muntu? Ni he namubona? Nzakomanga [Mwenedata Branham akomanga ku gicaniro - U.I.] ku rugi Rwe maze muvugishe. Iyo aba byonyine hari Umuntu washobora kurambika ikiganza Cye kuri njye no ku Mana maze akankorera ikiraro! Kuvuga… "Iyo mba byonyine nari nshoboye kubona uwo Muntu. Yoo! Ari he?"

100 Yashatse mu itorero rye, yashatse mu idini rye, ntiyashoboye kubona uwo Muntu. Kandi ako kanya, ibicu biratamuruka maze abona uwo Muntu aza. Yoo! Umutima we usimbaguritswa n'umunezero. Rero, hari icyabaye, avuga ati: "Nzi ko Umucunguzi wanjye ari muzima."

Uwo Muntu arahari bidashidikanywaho. Amina. Uko biri kose, uwo Muntu ariho. Avuga ati: "Nzi ko Umucunguzi wanjye ari muzima. N'ubwo inyo z'umubiri wanjye zawumaraho, nzabona Imana n'amaso yanjye. Nzayibona, kandi Izandengera. Azahagarara ku isi mu bihe bya nyuma."

101 Yoo! Muri iki gitondo cya Pasika, ubwo Yazukaga hariya, umubiri wa Yobu ntiwari urenze akayiko k'umukungugu. Yari ategereje, yari umwe mu bagize itsinda ry'intore. Yari yazukanye na Aburahamu, Isaka na Yakobo, Yobu. Mbega byiza! Icyubahiro kibe icy'Imana! Amina! Mu by'ukuri, bari bategereje umuntu nk'Uwo.

Kandi ku bategereje Kristo ku ncuro ya kabiri, abashoboye kunesha iby'isi ku bw'ubuntu Bwe, abinjiye muri We bakanima amaso ikindi cyose usibye We n'Ijambo Rye, Azongera kuboneka ku ncuro ya kabiri mu bwiza. "Kuko impanda y'Imana izavuga, abapfiriye muri Kristo bazuke, abazaba bakiriho bahindurwe mu kanya nk'ako guhumbya maze bazamurirwe hamwe ngo bamusanganirire mu kirere."

102 Naba akayiko k'umukungugu, cyangwa naba nkiriho igihe Azazira, nta cyo bihindura. Amina. Nta kibazo na gito gihari kuko nakiriye iyerekwa. Umwenda ukingirije wakuweho, none naramubonye, Uwashoboye guhagarara hariya kandi Agashobora kurambika ikiganza Cye kuri njye, umunyabyaha no ku Mana yera, kandi ni We Mpongano yanjye. Ni We Jambo mpamya. Mu ntangiriro hahozeho Jambo. Ni We iryo Jambo kandi Arampagarariye hariya. Amina. Kandi nzarangurura igihe cyose nzaba ngihumeka. Ni We zuka ryanjye n'ubugingo bwanjye. Naho ibindi byose ni umusenyi ugenda, ubundi butaka bwose ni umusenyi ugenda.

103 Nk'uko Yazamuye abari bategereje ibyo, ni na ko Azazanwa na buri mwizera w'Isezerano Rishya wanesheje buri negura ry'idini, uwanesheje ibyaha byose bya giseseka bya none, by'iki gisekuru turimo, nk'uko Yabigenje mu bindi bisekuru by'Itorero byose. Abanesheje muri iki gisekuru cy'Itorero. Abanesheje iki? Iki: "Ndatunze. Nta cyo nkennye. Mfite… Yoo, ndi ibi byose na biriya byose, kandi ndi Umugeni. Ndi iki. Nta cyo nkennye." Ariko ntuzi ko wambaye ubusa ukaba n'impumyi.

Mwaba mubona iki gisekuru gishukana navuze? Si nk'abo baciye umutwe kera, kugira ngo uhabwe ibuye ryera, si abapfuye bahorwa Imana, batwikiwe ku bishyito n'ibintu nk'ibyo, bahawe ingororano y'ikamba, ah'ubwo ni iki gisekuru gishukana aho abantu bagira ngo ni bo byose. "Mu by'ukuri, ndi umwe mu bagize idini. Ndi umuntu ugwa neza. Nkora ibi, nta bwo nkeneye gukora biriya." Ariko unesha…

104 Abazanesha iby'isi byose by'iki gisekuru, bazakora iki? Bose bazicarana na We mu Ngoma Ye, bazazamurwa igihe Azazira. Mbega byiza! Nzahangayikishwa n'iki rero? Kuki twahangayikishwa n'ibyo isi ivuga? Kuki twahangayikishwa n'ibyo umuntu ashobora kuvuga?

Mwuka Wera ukomeye ari hagati yacu. Inkingi Ye y'Umuriro iratuyobora. Ijambo Rye rihamirijwe imbere yacu. Urukundo Rwe ruri mu mitima yacu. Isi yasigaye inyuma. Twavuye mu rupfu tugera mu bugingo. Isi itekereza ko muri abasazi, ariko:

Yesu yaba agomba kwikorera umusaraba wenyine,

Maze abandi bakikorera ubusa?

Hari umusaraba wa buri wese,

Hari umusaraba wanjye.

(Imyaka mirongo itatu n'itatu mu iyogezabutumwa kandi)

Nzikorera uwo musaraba wejejwe,

Kugeza ubwo urupfu ruzambohora,

Hanyuma, nzajya i Muhira mu Izamurwa

… kugira ngo nambikwe ikamba…

Ni cyo dushaka twese, si byo? Ni cyo dushaka.

Ni byo byiringiro byacu n'ingabo yacu. Nta kindi gitekerezo dufite, uretse icya Kristo. Kandi turambirije ku gukiranuka Kwe konyine, mu gukiranuka Kwe kuri mu Ijambo Rye. “Kandi Ijambo ryiyambitse umubiri wa kimuntu maze Riturana na twe.” Kandi Ijambo rihora ryihamya Ubwaryo.

105 Wanesha ute? Mu kwakira Ijambo, isezerano, wicishije bugufi, ugenda wiyoroheje.

Nzikorera uwo musaraba wejejwe

Kugeza igihe urupfu ruzambohorera.

Hanyuma nzataha nambikwe ikamba.

Yoo! Iyo mpanda ni ivuga, mwashobora kumpamba mu nyanja, ariko impanda izankangura. Igihe kimwe, nzataha. Amina. Kugeza ubwo, nzakomeza kurwana (Amina), nikoreye uwo musaraba, amaso yanjye ntayahanze ku bantu, ah'ubwo hariya i Kaluvari, kuko Yesu yari ikitegererezo cyacu. Yatweretse uburyo twabyitwaramo. Kandi dukurikiza urugero Rwe tunezerewe uko bukeye uko bwije.

Nzakurikira Yesu kugeza ku iherezo,

Zakurikira Yesu kugeza ku iherezo…

106 Mwaba mudakunda ibyo? Yoo, mbega uburyo mbitekerezaho: “Kumukurikira uko bukeye uko bwije kugeza ku iherezo.” Dusenge.

Mwami Yesu, mpagaze hano isaha n'iminota cumi n'itanu, ngerageza gufata Ijambo Ryawe no gusobanurira abantu uburyo banesha. Watwigishije uburyo bikorwa. Nta bwo Watwigishije byonyine, ah'ubwo Wanatweretse uburyo byakozwemo. Waratuyoboye. Watweretse uburyo bikorwa: Dukwiye kwizera Ijambo imbere muri twe, kandi tugahamirizwa ko turigundiriye: “Handitse ngo”, imbere ya buri kigeragezo, ah'ubwo ugume wicishije bugufi kandi ugende wiyoroheje. Rero twanesheje ku Bwawe, ku bw'imbaraga Zawe, akaba ari zo zanesheje umwanzi wacu. Kandi icyo dusabwa gukora cyonyine ni - ni ukugendera mu kwizera twiyoroheje, twizeye ibyo, dufite ikimenyetso cyacu kituranga, Mwuka Wera: kandi Satani agomba guhunga.

Hari udutambaro turambitse hano. Duhagarariye abarwayi. Bafite ibyifuzo, Mwami. Kandi basoma muri iri Jambo ritaneshwa igice abantu bafashemo udutambaro twari twarakojejwe ku mubiri wa Pawulo wera. Barambikaga utwo dutambaro ku barwayi, imyuka mibi ikabavaho maze ibitangaza bikomeye bigakoreka. Mu by'ukuri, Uracyari wa Mwami Yesu umwe none.

107 Pawulo yabwirije kandi yandika iri Jambo, rya Jambo tugerageza gukurikiza, kuko yafashe Isezerano rya Kera, arikoresha nk'ikitegererezo kandi atwereka ko Ryari igicucu, ni ukuvuga ko Isezerano rya Kera ryose ryari igicucu gitunganye cy'Irishya. Mwami, dushoboze gukurikiza urwo rugero.

Turabona Umwami wacu, icyo Yakoze kandi muri iki gitondo, tubonye ko abo bera b'Isezerano rya Kera bigendeye. Ubwo Yesu yazukaga, bajyanye na We. Kandi, Mwami, twizera ko tuzagenda ubwo Azavuza impanda. Turabyizera, ko Umugeni azagenda icyo gihe, kandi Azasanga igice cya kiyuda cy'Umugeni, kandi bazasangirira Ifunguro ry'Ubukwe mu Bwiza. Barategereje. Dusabye ubu ko ubuntu Bwawe n'impuhwe Zawe biba kuri twe.

Abaneshi, Mwami, icyifuzo cyacu kigurumana, ni ukuba abaneshi, abaneshi, Mwami Yesu, Wanesheje isi. Noneho, ngusabye ngo Ushoboze buri muntu muri iki gitondo, kwanga icyaha cyose no kwiyambura imitwaro bibasha kutwizingiraho vuba, kugira ngo twiruke twihanganye mu mwuga udukinguriye.

Paulo yaratubwiye ngo, Data wa twese wo mu ijuru, hariya muba Abaheburayo, ko tugomba gushyira iruhande imitwaro yose, muri iki gice cya 12, koyavuze ibi nyuma yuko amaze gutanga urugero hariya, abari bagiye ku bari batagikomeje, abari bakurikiye ari akazuyazi, abari bakurikiye imbere, abari basigaye inyuma, bose, yerekanaga ingero. Hanyuma arahindukira aravuga ati, “Dushyire iruhande buri mutwaro buri kantu gato kose katwugarije, kugira ngo tubashe kwiruka urugendo rudutegereje, tumuhanze amaso, umuhanzi n'Uwashoje ukwizera kwacu, waduhaye urugero.» Turismo turabikora muri Oki gitondo, Data.

108 Noneho, twubitse imitwe, twisuzume twitonze, twitonze cyane kandi tube abanyakuri byimbitse cyane. Byonyine… Nta kindi gikwiye, kwisuzuma kandi ukaba umunyakuri. Ba mu masengesho by'ukuri mu

gihe uba wisuzuma noneho. "Ndondora Mwami, ngerageza. Haba hari ikibi muri njye? Niba gihari Mwami, nshoboza ngisige hano none aha, Mwami. Kandi ndi bushyire ibyo munsi y'ibirenge byanjye ni nsohoka muri iyi nyubako muri iki gitondo, nzi ko ibyo byajugunywe mu ibase y'igikurahwirange cy'Imana. Ntawe uzabyibuka ukundi. Noneho, ngiye kubyatura maze nsabe imbabazi."

Imitima yacu yubitse, amaso ahombetse, imitima yacu yitekerezaho, uwo ni wo muryango w'ubugingo. Haba hari icyo wifuza kwiyambura muri iki gitondo, icyo ushaka kunesha, icyagutwaye imbaraga nyinshi… ariko muri iki gitondo, witeguye kureka kugerageza kugira ngo wakire icyo Yakoze? Nakwifuje ko uzamura ikiganza. Vuga uti: "Mwami, ndashaka kunesha. Hari ikimbujije amahwemo."

109 Mwami Yesu, Urabona ibi biganza. Mu by'ukuri, nk'umugaragu Wawe, mpagaze hagati y'abazima n'abapfuye, nciriye iteka ku kibuza amahwemo aba bantu ndetse na njye, kandi nsabye ko mu Izina rya Yesu Kristo, tubasha kubitera umugongo maze tukabisiga hano, ku gicaniro cy'Imana hanyuma tugataha turi imbohore nk'abaneshi.

Niba bashiki bacu batari bafite ubu buntu mbere, noneho babuhabwe, Mwami. Niba benedata batari bafite ubu buntu mbere, noneho babuhabwe. Kandi kwiyoroshya… Umubyeyi imbere y'abana be, aho kugira amagambo akarishye, amenye ko ahagaze… Ni we mubwirizabutumwa w'abana be bato: imibereho ye ni urugero. Umugabo ni urugero rw'umugore, kuko ari we mutwe w'urugo. Kandi niba umugore yageragezaga kumuyobora, ntakabyongere ukundi. Niba akoresha umugore we nka nyakatsi, ntibikongere ukundi: ni umufasha. Bidukorere, Mwami. Ibyo bintu bitubereye inzitizi, Mwami, bikurweho.

110 Turakwiyeguriye, Dawe, mu gihe dushigaje cyo kubaho, tuzi iki - ko dukwiye kugera ku iherezo ry'ubu buzima, aho bukera. Muri iki gitondo, dufashe aya mahirwe, nyuma y'ubu butumwa, dufashe aya mahirwe yo kuza, Mwami, kuko turarikiwe kuza nk'uko byanditse ngo: "Mwikoreze amaganya yawe yose, kuko ari We wita kuri mwe." Nzi ko Utwitayeho, Mwami. Wari utwitayeho ku buryo Wadupfiriye. Kandi nta gushidikanya ko dushobora kwita ku bandi bihagije ku buryo tuza gufata icyo Wapfiriye.

Tweze, Mwami. Ongera Utwuzuze Mwuka Wera. Mwuka Wera aganze mu mitima yacu kugira ngo tubashe kugenda, twibagirwa ibyahise, ibyondo n'isayo aho twabaye kera, tugiye gusiganirwa ku cyo twahamagariwe n'Ijuru aho umucyo wacu ushobora kurabagirana cyane mu bugwaneza no kwiyoroshya ku buryo umuhisi n'umugenzi bose bashobora kuvuga bati: "Hari Umukristo utuye kuri uriya musozi." Uyu mugabo, uyu mugore, uyu mugabo ni akarabo kejejwe nyakuri k'Imana. Ni umugwaneza, ahorana igikundiro kandi yumva abandi. Bidukorere, Dawe. Dushoboze kuba umunyu ku buryo isi ikugirira inyota. Bidukorere, Dawe, kandi tubashe kunesha iby'iyi si n'amaganya y'ubu buzima, mu Izina rya Yesu Kristo. Amina.

Ndumva (Noneho tuzamure ibiganza byonyine.) Umucunguzi wanjye arahamagara, Avuga iki?: "Sohoka mu cyondo." Ubuzima buruseho, Ikintu runaka muri wowe kigukururira muri kiriya cyerekezo. Ni ibiki? Ni We. Mwebwe turabo, hariya munsi y'ibyondo, ufite hariya muri wowe Ubugingo buguhata. Ndumva Umucunguzi wanjye ahamagara, (Ni We uguhamagara. Sohoka mu byondo.) "Kurikira, nkurikira."

111 Waba umushaka noneho by'ukuri? Mu by'ukuri, hombeka amaso.

Aho Azanyobora hose, nzamukurikira.

Aho Yanyobora hose, nzamukurikira.

Nzajyana na We, hamwe na We kugeza ku iherezo.

Aho Azanyobora hose, nda-… (Mutuje cyane noneho. Ntimubyibagirwe, mumwiyegurire.)

Aho Azayobora hose, ("Nsize ibi hano, Mwami. Ngiye kugukurikira noneho. Nakiriye ibyo, ndabyizeye.")Aho Azanyobora hose… (Ntimubyibagirwe, ubuzima bwawe buzaba ubuhamya burusha amagambo yawe kuvuga. Ubuzima ubayeho buzereka abantu ibirenze ibyo uvuga.)

… nzajyana na We, na We (Kure… kugeza he?) kugeza ku iherezo.

Iyegurire Imana, byimbitse, mu ubunyakuri n'umutima wawe wose. Byamera bite aya abaye ari yo mahirwe yawe ya nyuma yo gusenga? Wasanga ari ko bigenze. Niringiye ko atari ko biri bugende. Birashoboka ariko. Noneho mube muhamirijwe, muhamirijwe cyane, muhamirijwe cyane. Ntimukabyibagirwe, igihe kimwe urugi ruzakingwa, ni bwo byose bizaba birangiye. "Saba uzahabwa."

Tekereza ku byubahiro byose Yaguhereye hariya, ibyo Yakoze byose… "Ndizeye, Mwami. Ndizeye. Nizeye ko Waneshereje. Ngendanye na We byonyine, Mwami. Nashakaga kugumana na We, ni ukuvuga ko aho Uri ari ho na njye nshaka kuba."

112 Mwaba mwumva noneho ko mushobora kwiyambura ikintu cyose, umutwaro wose, maze ukaba ushobora kugendera hejuru y'ibyo noneho? Niba ubishoboye, zamura ikiganza maze uvuge uti: "Ku bw'ubuntu bw'Imana, nzamuye amaboko, singikomeje gusaza imigeri. Ngiye byonyine gufata ikiganza Cye

maze ntangire kugenda. Mwenedata Branham, nararwanye, nagerageje kureka itabi. Nagerageje kureka ngo imisatsi yanjye ikure. Nagerageje gukora iki na kiriya. Nakoze… nta ko ntagize, Mwenedata Branham, sinagira icyo ngeraho." Ntukagerageze ukundi. Fata ikiganza Cye gusa maze uvuge uti: "Dawe, nshyirira ikiganza mu kuboko kw'ishati." Murabona? "Ngiye kuguha ikiganza cyanjye byonyine, ngiye kugenda, Mwami, amaso ahanze kuri Wowe." Ibyo bizaba. Azakwamika nk'Umukristo w'ukuri. Uzaba Umukristo w'ukuri.

113 Ibuka, Dawe, ko Watubwiye ko twajyaga kubana n'Umwami iteka ryose ni tuzamurwa. Dufite iyerekwa Rye none mu gihe tugendana na We: ariko icyo gihe tu-… Mbega uburyo ari byiza kumenya ko Ari hagati yacu. Bizamera bite ubwo tuzaba turi kumwe na We by'iteka? Dukunda cyane ibiduhugije. Dushobora gusohoka ku ifarashi: dushobora kujya guhaha, dushobora kujya guhiga no kuroba, cyangwa icyo dushobora gukora tuguwe neza; ariko, yoo! Uhereye igihe urusengero rukinguriye imiryango yarwo, turifuza guhura n'Umwami wacu. Icyo ni cyo gihebuje mu bintu byose, ibyo bintu Yadusezeraniye: "Kubana n'Umwami by'iteka, kwicarana na We mu Ngoma Ye, no kubana na We by'iteka." Mana, twubitse imitwe yacu no kwicisha bugufi, turabyakiriye, Mwami. Mu Izina rya Yesu Kristo.Kugeza ubwo turi bwongere kubonana nimugoroba, Imana ibakunde kandi Ibane na mwe. Muri abana banjye mu Butumwa. Muri amaronko. Noneho, mbashubije umushumba wanyu. Ngo ino Mwedata…?… Mwenedata Neville.

www.messagehub.info

Ibibwiriza bya

William Marrion Branham

"…mu minsi y'ijwi …" Ibyah. 10:7